# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-8 | TARIKI 08-14 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



AMAKURU

Ntawe natakambira musaba kubaho- Perezida Kagame mu Kwibuka31 2



AMAKURU

Kwibuka ni intango y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda 4



MU NTARA

Rusizi: Guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside imwe mu ntego za Meya Sindayiheba 17



MU NTARA

Kwibuka 31: Dr. Bizimana yavuze ku bugome bw'uwari Burugumesitiri wa Komini Murambi 18




Kwibuka kwibuka twiyubaka 31

# Kwibuka 31: Abanyapolitiki basabwe kuyobora urugamba rwo kurwanya Jenoside




**Perezida wa Sena, Dr Kalinda Francois Xavier, yasabye Abanyapolitiki n'abayobozi gushyira hamwe bakamagana ingengabitekerezo ya Jenoside**

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Sena y'u Rwanda Dr Kalinda Francois Xavier, yasabye Abanyapolitiki n'abayobozi b'u Rwanda gushyira hamwe bakamagana ingengabitekerezo ya Jenoside ikomeje gukwirakwira mu Karere k'Ibiyaga Bigari by'umwihariko muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Yabigarutseho ku Cyumweru tariki ya 13 Mata 2025, ubwo hasozwaga icyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Tariki ya 13 Mata buri mwaka, mu gusoza Icyumweru cy'Icyunamo ku rwego rw'Igihugu, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero habera umuhango wo kwibuka abanyapolitiki bemeye guhara ubuzima bwabo bazira kurwanya Jenoside yakorewe Abatutsi, politiki y'amacakubiri no kubiba urwango mu Banyarwanda.

Dr Kalinda yavuze ko kwibuka abo banyapolitiki ari umwanya wo kuzirikana agaciro kabo n'iterambere u Rwanda rumaze kugeraho nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

KOMEZA KU RUP.3

## Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu, RPC Ltd, cyabonye Inama y'Ubutegetsi nshya

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu gikora Ubucuruzi (RPC/ Rwanda Printery Company Ltd), cyabonye Inama y'Ubutegetsi nshya isimbura iyari isanzweho irangije manda yayo, ubuyobozi bushya bukaba bwijeje gukomeza kuyobora icyo kigo mu iterambere.***

KOMEZA KU RUP.3

## Kwibuka31: U Rwanda rwashimiye ibihugu inshuti n'Imiryango Mpuzamahanga bifatanyije n'Abanyarwanda



URUP.2

## BNR yasabye urubyiruko kubaka Igihugu basigasira amateka



URUP.11

# Ntawe natakambira musaba kubaho- Perezida Kagame mu Kwibuka31

**ZIGAMA Theoneste**

***"Ubutumwa bwanjye bureba n'Abanyafurika, babayeho mu bwoba bwa buri munsi, bamburwa agaciro k'umuntu bakabyemera. Ntawe nshobora gutakambira musaba kubaho. Tuzarwana nintsindwa ntsindwe, ariko hari amahirwe afatika ko nuhaguruka ukarwana uzabaho, kandi uzabaho ubuzima bufite agaciro ukwiriye kubaho."***

Ni ubutumwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagarutseho mu ijambo yagejeje ku bitabiriye umuhango wo gutangiza icyumweru cy'icyunamo n'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bizamara iminsi 100.

Perezida Kagame yavuze ko Abanyarwanda n'abandi Banyafurika bakwiye guhitamo kurwanira uburenganzira bwo kubaho uko bashaka, cyangwa se bagapfa barenganywa n'ababahitiramo uko babaho.

Yavuze ko hari umuntu w'inshuti ye wamubajije uko u Rwanda rubana n'amateka yijimye ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibihe by'ubu bitagira imbabazi, amusubiza ko u Rwanda rwahisemo kubaho kandi ntawe rutegereje ko azarubeshaho.

Yagize ati: "Twebwe dufite amahitamo, wahitamo hagati yo gupfa no kurimbuka cyangwa guhaguruka ukarwana."

Perezida Kagame yumvikanishije ko ibyabaye mu Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bidashobora kongera kubaho nubwo bamwe mu bayigizemo uruhare baba bashaka kubisubira.

Ati: "Ntabwo bizongera kubera ko hari abantu bazahaguruka barwane. Hari abantu bifuza ko twarimbuka, iki gihugu kirimbuka. Ni gute abantu bakwemera ibyo bintu? Ni gute abantu batahaguruka ngo barwane?"

Yakomeje agira ati: "Hari ibyago uhura na byo iyo wiyemeje kurwana, ariko iyo utabikoze nta kabuza urapfa. Kubera ko iyo uhagurutse ngo urwane, uba ufite amahirwe yo kubaho ubuzima wifuza."



Perezida Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame bacanye urumuri rw'icyizere

Yasabye Abanyarwanda n'Abanyafurika guharanira kubaho byaba ngomba bakabirwanira aho kwemera gupfa nk'isazi.

Perezida Kagame yanenze bimwe mu bihugu byitwa ko bikomeye biba bishaka kugenera u Rwanda uko rubaho, abyihanangiriza avuga ko bifite ibibazo byabyo bikwiye gukemura, iby'u Rwanda bikabirurekera rukabikemura mu buryo bwarwo.

Ati: "Uwo ni wo mwuka Abanyarwanda bagomba guhorana mu buzima bwabo bwa buri munsi."

Umukuru w'Igihugu yavuze ko Abanyarwanda badakwiye kwemerera uwo ari wese wababuza kubaho cyangwa se ubahitiramo kubaho.

Ati: "Banyarwanda, ntimukagire uwo ari we wese mugomba ubuzima bwanyu. Mugire ubutwari bwo guhangana n'ibiriho uko biri kose. Ntimukagire uwo muhemukira, ariko iteka mujye murwanira ibiri ibyanyu. Ntimukemerere uwo ari we wese kugena uko mukwiye kubaho ubuzima bwanyu, kubera ko igihe muzabyemera ni wo munsi muzaba mubuze ubuzima bwanyu."

Ibikorwa byo gutangiza icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorwe Abatutsi mu 1994, byabanjirijwe no gucana urumuri rw'icyizere no kunamira inzirakarengane zazize Jenoside zishyinguye ku Rwibutso rwa Kigali ku Gisozi.

Kuri uyu munsi kandi hateganyijwe urugendo rwo kwibuka (Walk to Remember) ruhera ku Biro by'Akarere ka Gasabo rukaza gusorezwa kuri BK Arena.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Olivier yashimiye ibihugu byifatanyije n'u Rwanda kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

## Kwibuka31: U Rwanda rwashimiye ibihugu inshuti n'Imiryango Mpuzamahanga bifatanyije n'Abanyarwanda

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yashimiye Guverinoma z'ibihugu, Imiryango Mpuzamahanga n'iyo mu Karere, inshuti z'u Rwanda ndetse n'abatuye Isi yose bifatanyije n'Abanyarwanda muri iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa. Yakoranywe ubukana bukomeye kandi mu gihe gito kuko ku munsi hicwaga Abatutsi basaga 10 000.

Amb Jean Patrick Olivier Nduhungirehe, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, yabigarutseho ku wa Kabiri tariki 08 Mata 2025, abinyujije mu butumwa yashyize ku rubuga rwa X.

Yagize ati: "Ubutumwa bwanyu no kwitabira ibikorwa byo kwibuka muri Kigali n'ahandi hose ku Isi, ni ubuhamya bw'ubucuti bushimangira ubwitange bwanyu bwo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Twese hamwe, dukomeze kwibuka, twiyubaka."

Ubutumwa bwatanzwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Antonio Guterres, yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe kandi ko atari ubwicanyi ndengakamere bwahutiweho.

Yagize ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ntabwo ari ubwicanyi ndengakamere bwatunguranye. Yaragambiriwe, yatekerejweho mbere kandi yarateguwe."

Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron, yagaragaje ko u Bufaransa bwiyemeje guha agaciro kwibuka, ukuri n'ubutabera, ari na yo mpamvu bwifatanyije n'u Rwanda kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri ubwo butumwa yanyujije ku mbuga nkoranyambaga, Perezida Macron yagize ati: "Uyu munsi, u Bufaransa buramenyesha Abanyarwanda ibitekerezo byabwo n'uburyo bubashyigikiye byimazeyo.

U Bufaransa burashima ukwihangana gutangaje kw'Abanyarwanda babashije kongera guhaguruka bakubaka ahazaza hashingiye ku bumwe n'ubwiyunge."

Icyumweru cy'icyunamo cyatangijwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Madamu Jeannette Kagame, cyitabirwa n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda ndetse n'abahagarariye Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda.





# Kwibuka 31: Abanyapolitiki basabwe kuyobora urugamba rwo kurwanya Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagaye Abanyapolitiki n'abayobozi bakanguriye abaturage gukora Jenoside bituma abarenga miliyoni bicwa mu gihe cy'iminsi 100 yabayemo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Kumenya uruhare rwabo mu mugambi mubisha wa Jenoside ni ingenzi mu guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside, gusigasira amateka y'ukuri no gukumira ko Jenoside yakongera kubaho mu Rwanda cyangwa n'ahandi ku Isi."

Yashimangiye ko abanyapolitiki u Rwanda rufite muri iki gihe bakwiye kwamagana bivuye inyuma ingengabitekerezo ya Jenoside no gukumira ko hari aho yakongera kuba haba mu Rwanda na hanze yaho.

Yagize ati: "Nubwo Jenoside yahagaritswe n'ingabo zari iza RPA Inkotanyi, ziyobowe n'Umugaba w'Ikirenga Nyakubahwa Paul Kagame, abayiteguye n'abayishyize mu bikorwa bashoboye guhungira mu bihugu byo hanze.

Nko muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bakomeje kugerageza gutera u Rwanda no gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside babifashijwemo na Guverinoma ya RDC, bikaba bifite ingaruka ku mutekano w'Igihugu cyacu".

Yakomeje avuga ko ibikorwa bya bamwe bigaragaza ko ingengabitekerezo ya Jenoside itaracika intege.

Yanakomoje ku kuba hari amagambo yo kwangisha Abanyarwanda ubuyobozi bihitiyemo akwirakwiza ku miyoboro y'ikoranabuhanga, cyane cyane ku mbuga nkoranyambaga.

Yerekanye ko muri RDC hakomeje ubwicanyi bwibasira Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda by'umwihariko abo mu bwoko bw'Abatutsi, bikaba imwe mu ngaruka y'ibitekerezo byakwirakwijwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahungiye muri icyo gihugu bakaba baribumbiye mu mutwe wa FDLR.

Ati: "Abanyapolitiki ni iki turimo gukora ngo dukumire kandi turwanye ingengabitekerezo ya Jenoside dusigasire ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano by'Igihugu cyacu."

Yakomeje agira ati: "Bayobozi, banyapolotiki, bavandimwe, ndagira ngo rero mbakangurire, kuba ku isonga mu kwegera abaturage, tubasobanurire ubumwe n'ubudaheranwa, n'amateka y'Igihugu cyacu, cyane cyane amateka y'ubukoloni na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kugira ngo dushimangire ubumwe bwacu nk'Abanyarwanda no gukunda Igihugu."

Ibikorwa by'aba banyapolitiki bibutswe barwanyije umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi, byasize umurage mwiza kandi bitanga urugero rwo guharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi.

Kuva mu 2006, Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero ni ahantu hatoranyirijwe kubika amateka y'abanyapolitiki bishwe bazira kurwanya itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## Ikigo cy'Icapiro ry'Igihugu, RPC Ltd, cyabonye Inama y'Ubutegetsi nshya

IBIKURIKIRA URUP.1

Umuhango w'ihererekanyabubasha wabaye kuri uyu wa Mbere tariki ya 14 Mata 2025, aho wayobowe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigega Agaciro Development Fund (AgDF) Kayinamura Ulrich, unitabirwa n'Umuyobozi w'Inzibacyuho wa RPC Ltd Bizimana Jerome n'abandi.

Inama y'Ubutegetsi nshya iyobowe na Ntare Jerry, wigeze kuba Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo w'Ikigega Agaciro Development Fund (AgDF) ari na cyo gifite imigabane 100% ya RPC Ltd.

Ntare yungirijwe na Tengera Grolia mu gihe mu bandi bagize iyo Nama y'Ubutegetsi harimo Mukayiranga Daniella Odette, Eng. Bakundukize Raymond na Niyomugabo Eric.

Ubuyobozi bushya bwijeje gushyira itafari ku byakozwe kugira ngo ikigo gitere imbere



Abayobozi bashya bagize Inama y'Ubutegetsi ya RPC

kurushaho ndetse hongerwe ingano n'ubwiza bw'ibyari bisanzwe bikorwa.

Ntare Jerry yagize ati: "Tugiye guteza imbere ibyo bari basanzwe bakora ariko tubongerere imbaraga n'ubushobozi ku buryo bacapa ibintu byiza kandi byinshi icyarimwe."

RPC yashimye Inama y'Ubutegetsi icyuye igihe, ku bw'umurava n'ubwitange byabaranze byatumye umutungo w'ikigo uzamuka n'urwunguko rukiyongera.

Uko imyaka yagiye isimburana ibyagurishijwe byariyongereye, aho mu 2024 byageze kuri miliyari zisaga 4 z'amafaranga y'u Rwanda, bikikuba kabiri ugereranyije n'umwaka wabanje.

Umuyobozi w'Inzibacyuho wa RPC Bizimana Jerome, yagaragaje ko yizeye imikoranire myiza n'Inama y'Ubutegetsi nshya, izabafasha mu gutsindira amasoko arenze ayari asanzwe, kurushaho gukorera neza ababagana no kongera umusaruro w'ibyo bakora.

Yagize ati: "Tuyitezeho kudufasha gupigana bihagije n'abandi bakora nk'ibyo mu gutsindira amasoko agezweho (Digital Printing) no kongera ibyo dukora."

Yagaragaje ko urwunguko rwavuye mu mikoranire myiza n'abafatanyabikorwa, ari na ho ahera abizeza kurushaho kunoza imikoranire no kubaha ibyiza birenze ibyo basanzwe babona.

Bizimana yagaragaje ko RPC izakomeza gutanga serivisi zinoze zirebana n'icapiro, anakangurira abatarayigana kuyegera kuko ari umufatanyabikorwa udatenguha.

Inama y'Ubutegetsi nshya isimbuye iyari isanzwe yari iyobowe na Dr. Joseph Nzabonikuza, wari wungirijwe na Mukayiranga Solange mu gihe mu bandi bari bafatanyije harimo; Mukeshimana Marcel, Kiiza Yosam na Zigira Alphsonse.

Raporo ya RPC ya Gicurasi 2024 yagaragaje ko icyo kigo gikora cyunguka kuva mu mwaka wa 2021 aho cyunguka angana na 25% ugereranyije n'igishoro buri mwaka.

# Kwibuka 31: Jenoside yakorewe Abatutsi yarateguwe- Antonio Guterres

NTAWITONDA Jean Claude

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Antonio Guterres, yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe kandi ko atari ubwicanyi ndengakamere bwahutiyeho.***

Guterres yabigarutseho ku wa Mbere, mu gihe ku Isi hose hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 washyizweho n'Umuryango w'Abibumbye.

Ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ntabwo ari ubwicanyi ndengakamere bwatunguranye. Yaragambiriwe, yatekerejweho mbere kandi yarateguwe."

Yavuze kandi ko icyo gihe cyijimye cyabaye mu mateka y'u Rwanda kibibutsa nka Loni ko nta muryango n'umwe ukingiwe ingaruka z'inzangano n'ubugome.

Yasabye buri gihugu ndetse na buri muryango w'abaturage aho waba uherereye hose, ko bagomba kuzuza inshingano yo kubahiriza ingingo zigize amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu, mu kwimakaza uburenganzira bwa mu ntu n'ubumwe kuri bose.

Yahamirije amahanga ko Umuryango w'Abibumbye washinzwe nyuma ya Jenoside [yakorewe Abayahudi], uri kumwe n'ibihugu muri urwo rugendo.

Yakomeje agira ari: "Mu mwaka wacu wa 80 tumaze, turongera kwiyemeza gushyigiira amahame yashingiweho ari na yo akenewe kubahirizwa na buri muryango w'abantu. Kuri uyu munsi wo kwibuka ndabasaba gukorana mu kubaka Isi yuje ubutabera, rukaba twifatanyije n'abarikotse Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu bihugu bitandukanye ku Isi,



Umunyamabanga Mukuru wa Loni Guterres

umuryango w'Abanyarwanda baba muri diyasipora wifatanyije n'abayobozi mu nzego zitandukanye mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ambasade y'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye yagaragaje ko nyuma yo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi u Rwanda rwagaragaraga nk'urudashobora kuyoborwa.

Gusa ngo gahunda ya Ndi Umunyarwanda yahindutse ibuye rikomeza imfuruka mu kongera kubaka isano muzi Abanyarwanda bose bahuriyeho, ari na yo ntandaro yo kuva ibuzimu bajya ibumuntu.

Intumwa Ihoraho y'u Rwanda yungirije mu Muryango w'Abibumbye Robert Kayinamura, yavuze ko bibabaje kuba nyuma y'imyaka 31 ishize ibikorwa bihakana n'ibipfobya Jenoside bikomeje kwiyongera mu bice bitandukanye ku Isi.

Ati: "Uyu munsi, mu gihe guhakana no gupfobya Jenoside bikomeje kwiyongera, imvugo zakoreshwaga mu kwambura abantu agaciro hagamijwe gukora Jenoside zikomeje kugaragara kandi harazurwa ingengabitekerezo zicirirtse z'amacakubiri."

Aho ni ho yahereye ashimangira ko ubutabera bugikenewe cyane kurusha uko byahoze, cyane ko hakiri impapuro zisaga 1000 zisaba guta muri yombi abakekwaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi u Rwanda rwohereje mu bihugu bitandukanye ariko zikaba zitarakorwaho.

Yasabye amahanga kuzirikana inshingano ihuriweho yo gukumira Jenoside, bityo ko ijambo 'Nibizasubire Ukundi' rikwiye kurenga kuba ikimenyetso ahubwo rikayobora politiki n'ibikorwa bishyirirwaho kwirinda ko Jenoside itakongera kugira ahandi iba.

Philémon Yang, Perezida w'Inama ya 79 y'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, yavuze ko mu bihe bigoye, amahanga yatengushye kandi yatereranye u Rwanda.

Ati: "Nubwo habonetse umuburo hakiri kare, Isi yose yararebereye kugeza ubwo ubwicanyi bwakorwaga ku mugaragaro. Guverinoma zari mu biganiro mu gihe abatabazaga basaba ubufasha batasubijwe. Uyu munsi dukwiye kwibaza tuti, ese mu by'ukuri twakuye amasomo ku hahise?"

Yakomeje ahamya ko ingengabitekerezo yateye Jenoside yakorewe Abatutsi itararandurwa, ikaba ikiriho kandi izenguruka yanduza imiryango inyuranye ku Isi, binyuze mu mvugo z'urwango, umuco wo kudahana no gukwiza amakuru y'ibinyoma.

Yavuze ko kuri ubu Umuryango Mpuzamahanga udakwiye kongera kurebera ahubwo hakenewe ibikorwa bifatika mu kurwanya icyo cyorezo.



Madamu Jeannette Kagame yibukije ko Kwibuka ari intango y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

## Kwibuka ni intango y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda- Madamu Jeannette Kagame

NYIRANEZA Judith

***Madamu Jeannette Kagame akaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri yavuze ko Kwibuka ari intango y'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.***

Ibi bikuye mu butumwa yageneye Abanyarwanda muri iki gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu butumwa yatanze ku barokotse, Madamu Jeannette Kagame yabashimiye uko bagize uruhare mu guharanira kubaho, ntibaheranwe n'agahinda.

Yagize ati: "Ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, tuzirikana iteka kwirenga kwanyu no guharanira kubaho."

Madamu Jeannette Kagame yakomeje avuga ko amateka y'u Rwanda adakwiye guca intege, ahubwo ko abantu bakwiye kuvomamo imbaraga.

Ati: "N'ubwo dukomeje gusobanura ukuri kw'amateka yacu nyuma y'imyaka 31, Abanyarwanda twese ntiducika intege!"

Ubutumwa yageneye abakiri bato bubashishikariza kuzirikana amateka kugira ngo rukomeze kubaka u Rwanda.

Yagize ati: "Ku bato babyirukiye mu Rwanda rurera rugakuza, kuzirikana aya mateka bidufashe gukomeza kubaka u Rwanda ruzima rutazima."

Umuryango Unity Club Intwararumuri ugamije gutanga umusanzu mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda, ugizwe b'abayobozi bari muri Guverinoma n'abayihozemo n'abo bashakanye.

Ni umuryango watangijwe na Madamu Jeannette Kagame, washinzwe muri Gashyantare 1996, wiha intego yo kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro, byo nkingi z'iterambere rirambye.





# U Bubiligi bwasabye imbabazi u Rwanda bwanga kuvuga ijambo 'Jenoside'

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Dr Bizimana Jean Damascene yahishuye ko ubutegetsi bw'u Bubiligi bwasabye imbabazi u Rwanda ku ruhare bwagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko bwanga kuvuga ko ibyakozwe ari 'Jenoside'.***

Yahamije ko ari na yo mpamvu no muri iki gihe u Bubiligi bukomeje kwifatanya n'abantu bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside kandi bukaba bukomeje kubangamira u Rwanda.

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 11 Mata 2025, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza mu Karere ka Kicukiro.

Aho i Nyanza ni ho Interahamwe n'abasikare biciye Abatutsi basaga 2 000, nyuma y'aho ingabo z'Ababiligi zari zibasize bazihungiyeho mu ishuri rya ETO Kicukiro (ubu ni IPRC Kigali).




Dr Bizimana Jean Damascene yahishuye ko u Bubiligi bwasabye imbabazi u Rwanda ku ruhare bwagize muri Jenoside ariko ntibukoreshe ijambo Jenoside

Dr Bizimana yagaragaje ko u Bubiligi kuba bwaratereranye Abatutsi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bari bahungiye muri Eto Kicukiro wari umugambi bwatangiye kera wari ugeze ku musozo.

Yagize ati: "Uruhare rw'amahanga tureke kururebera gusa mu 1994, ahubwo tururebe nk'uruhererakane rwatangiye kera. Jenoside yaje ari igikorwa kibi, rurangiza iba mu 1994 ariko byatangiye mbere."

Ahereye aha Minisitiri Dr Bizimana yavuze ko hari igikorwa cyari cyashimishije u Rwanda, tariki ya 7 Mata 2000, ubwo hibukwaga ku nshuro ya 6 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho u Bubiligi bwari bwasabye imbabazi ku makosa bwakoze muri Jenoside.

Ati: "Uwari Minisitiri w'Intebe w'u Bubiligi, Guy Verhofstadt yaje hano i Kigali aje kwibuka, kwifatanya n'Abanyarwanda, asaba imbabazi mu izina ry'Ababiligi ku makosa yabo, ati 'ishyano ry'uruhurirane rititaye ku bimenyetso, uburangare, kwirengagiza, kudafata ibyemezo bikwiye, amakosa byatumye haba impamvu zateye amahano atagira izina aba."

Dr Bizimana yakomeje avuga ko Guy yongeyeho ati: "Ni yo mpamvu hano imbere yanyu, nemera uruhare rw'igihugu cyanjye rw'abayobozi n'urwa gisirikare, ni mu izina ry'igihugu cyanjye, iry'abenegihugu, mbasabye imbabazi kuri ibyo bikorwa."

Dr Bizimana yunzemo ati: "Icyo gihe twari twishimye, tumara n'igihe tuzi ko ayo magambo yarimo ukuri, muri iyi minsi aho u Bubiligi bwuburiye ingeso yo kwikoma u Rwanda, nongeye nsoma izi mbabazi za Guy Verhofstadt. Nta hantu na hamwe yavuze ijambo Jenoside."

Minisitiri Dr Bizimana yashimangiye ko bishoboka ko ari yo mpamvu igihugu cy'u Bubiligi butazirikanye uburemere bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ingengabitekerezo ari na yo mpamvu bukomeje gukorana n'abagihembere iyo ngengabitekerezo.

Dr Bizimana yakomeje agaragaza amateka yarenze ubukoloni bw'Ababiligi mu Rwanda, aho bigishije amacakubiri ashingiye ku moko yatumye u Rwanda rugera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu rwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro haruhukiye imibiri y'Abatutsi barenga 100 000, barimo abarenga 2 000 biciwe ku musozi wa Nyanza, muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, nyuma yo guteteranwa n'ingabo z'Ababiligi zari mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye (MINUAR).

## Massad Boulos yasuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kigali

KAMALIZA AGNES

***Kuri uyu wa Gatatu tariki ya 09 Mata, Umujyanama Mukuru wa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu byerekeye Afurika, Massad Boulos, uri mu Rwanda awn'itsinda ryamuherekeje, basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kigali ruri ku Gisozi.***

Basobanuriwe amateka ya Jenoside, uko yateguwe, impamvu, ukuri n'ingaruka zayo ndetse banasobanukirwa urugendo Abanyarwanda bakomeje rwo kwiyubaka no gukira ibikomere.



Umujyanama wihariye wa Trump, Massad Boulos n'itsinda ryamuherekeje, basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kigali ruri ku Gisozi.

Massad Boulos ejo ku wa 08 Mata yakiriwe na Perezida Paul Kagame, mu biro bye Village Urugwiro, baganira ku mikoranire irambye yageza ku mahoro arambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari n'imishinga yo kwagura ishoramari rya Amerika mu Gihugu no mu Karere.

Nyuma y'ibyo biganiro Massad yatangaje ko bizatanga umusaruro.

Perezida wa Amerika Donald Trump aherutse kugira Massad Umujyanama Mukuru ku bijyanye na Afurika, muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Amerika, ndetse ku wa 03 Mata aherutse koherezwa mu karere k'Ibiyaga bigari ku ngingo irebana n'umutekano w'Akarere.

Urwo ruzinduko kandi rwanarebeye hamwe uko Amerika yateza imbere ishoramari mu karere cyane ko gakungahaye ku mabuye y'agaciro.

# U Rwanda rwasabye u Bwongereza guta muri yombi abakekwaho Jenoside bucumbikiye

**ZIGAMA Theoneste**

***Ambasaderi w'u Rwanda mu Bwongereza, Johnston Busingye, yongeye gusaba ko abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside batandatu bihishe mu Bwongereza bagashyikirizwa inkiko cyangwa bagasubizwa mu Rwanda kugira ngo bacirwe imanza.***

Yibukije ko kuba bakiri mu bwihisho mu gihugu cy'u Bwongereza ari imbogamizi ikomeye ku butabera bw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, anasaba ko u Bwongereza bwakomeza gufatanya n'u Rwanda mu guharanira ko habaho ubutabera nyabwo ku byaha byakozwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ambasaderi Johnston Busingye, yongeye gusaba ko abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bashyikirizwa ubutabera, aho yavuze ko abantu batandatu bakekwaho Jenoside bagikomeje kwidegembya ku butaka bw'u Bwongereza.

Ibi yabivuze ubwo Abanyarwanda baba mu Bwongereza batangizaga icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ambasaderi Busingye yagize ati: "Abarokotse Jenoside bakwiye kubona ubutabera mu gihe bakiriho ni igikorwa gitanga ihumure rikomeye. Ibihugu byinshi byo mu Burengerazuba bw'Isi, birimo Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Canada, u Budage, u Buholandi, Denmark, u Bufaransa na Suwede byashyikirije ubutabera cyangwa byohereje mu Rwanda abakekwaho Jenoside. Ariko u Bwongereza bwo ni bwo bukirimo kubakira.

Abantu batandatu bazwi bakekwaho Jenoside bakiri ku butaka bw'u Bwongereza kandi bazwi n'ubuyobozi bwaho."



**Amb Busingye yongeye gusaba ko abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside bihishe mu Bwongereza bashyikirizwa inkiko**

Mu bakekwaho Jenoside bazwi bari mu Bwongereza harimo, Célestin Mutabaruka, Dr Vincent Bajinya, Emmanuel Nteziryayo, Célestin Ugirashebuja, Charles Munyaneza.

Ambasaderi Busingye yavuze ko u Rwanda rwabanje kugerageza inzira yo kubasaba ko boherezwa mu Rwanda kugira ngo baburanishwe.

Nubwo inkiko z'u Bwongereza zemeje ko hari ibyo bagomba kubazwa, zanzuye ko batabona ubutabera buboneye nibaramuka boherejwe mu Rwanda.

Ambasaderi Busingye ati: "Guhera mu 2018, twasabye ko abo bantu bacirwa imanza mu nkiko zo mu Bwongereza. Turacyafite icyizere, nubwo bagenda basaza."

Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda (NPPA), kuva mu 2007, hashyizweho impapuro 1 147 zita muri yombi abakekwaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, zikoherezwa mu bihugu 33.

Muri izo mpapuro abantu batawe muri yombi ni bake kuko gusa ari 62 gusa abandi bakaba bataragezwa imbere y'ubutabera.

Amb. Busingye ati: "None se, nyuma y'imyaka 31, twakora iki?"

Yunzemo ati: "Icya mbere, ni ugusubiza amaso inyuma tukibuka amasezerano mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye yo mu 1948, agamije gukumira no guhana icyaha cya Jenoside. Aya masezerano yasabye ibihugu gushyiraho amategeko yo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ibi byashimangiwe n'Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemezo cyayo No. 2150 cyo ku wa 16 Mata 2014, gisaba ibihugu bigize Umuryango guhana cyangwa kohereza abakekwaho Jenoside bari ku butaka bwabo."

Busingye yagarutse ku buhamya bw'abarokotse Jenoside, avuga ko bugomba gufasha amahanga kumva neza ko ubwo Jenoside yakorwaga, Umuryango Mpuzamahanga urebera, abasaga miliyoni b'inzirakarengane bicwa ku manywa y'ihangu, bazira uko bavutse.

Yakomeje yibutsa umunsi Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye yafashe umwanzuro wo kugabanya umubare w'ingabo zari mu butumwa bwo kugarura amahoro mu Rwanda (UNAMIR), zivuye ku ngabo 2 165 zisigara ari 270 gusa.

Ibi byabaye mu gihe abasirikare bari ku butaka, nk'Umunyakanada Roméo Dallaire wayoboraga UNAMIR, yari yasabye ko izo ngabo zakongerwa.

Yagize ati: "Twibuka ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika yanze guhagarika radiyo RTLM yarimo isakaza ingengabitekerezo y'ivangura, inatanga amabwiriza y'uko kwica bigomba gukorwa. Ariko twibuka n'umusirikare umwe wo muri Senegal, Kapiteni Mbaye Diagne, wanze gukurikiza itegeko ryo kuva mu Rwanda, agakomeza gutabara abantu benshi kugeza apfuye. Capt Mbaye atwibutsa ko Jenoside byashoboka ko ihagarikwa, iyo hafatwa icyemezo cyo kuyihagarika. U Rwanda ruzahora rumwibuka."

Yongeyeho ko abantu bagomba kwibuka ariko kandi bagahora maso kugira ngo ingengabitekerezo ya Jenoside itazongera kugaruka n'ubwo yaba yihishe mu magambo yoroheje cyangwa gahunda zibiba amacakubiri.

Yasabye ko ibyo u Rwanda rumaze kugeraho bikomeza gusigasirwa, amateka akigishwa kandi agatanga isomo.

**Kwigisha Jenoside yakorewe Abatutsi mu masomo**

Busingye yavuze ko kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mashuri bizafasha abato kumenya ibyayibayeho, bakamenya ibimenyetso bigaragaza inzira zigana kuri Jenoside, kugira ngo "Ntibizongere kubaho" ntibibe amagambo gusa, ahubwo bibe mu ngiro.

"Uyu munsi, twiyumvamo kuba Abanyarwanda, aho kuba abantu bishingikirije ku moko. Amoko yarakoreshejwe nk'intwaro yo kuduteranya no kutwica. Ubumwe, amahoro n'amahirwe angana ku Banyarwanda bose ni byo twubatseho igihugu gishya."

Yagaragaje kandi ko inkunga n'ubufasha ku barokotse Jenoside ari ingenzi, kandi ko ubuhamya bwabo bukwiye kwumvwa kuko butuma amateka atibagirana, bikanarinda ko ibyabaye byongera kuba.

Yagize ati: "Tugomba kwemeza ngo 'ntibizongere' atari amagambo gusa, ahubwo ari igihango. U Rwanda ni ikimenyetso cy'uko sosiyete ishobora kwanga urwango rushingiye ku moko, igasenyuka ariko ikongera ikiyubaka."

Dr Zoë Norridge, umwarimu muri Kaminuza wigisha Umuco, Ubugeni n'Ibitekerezo byegeranyijwe, yagize ati: "Kuvuga inkuru z'aya mateka ni uburyo bwihariye bwo kwibuka ibihe byabaye mbere ya Jenoside, kunamira abakunzi bacu bishwe, kandi duharanira ko bitazongera mu gihe kizaza."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Nta wavugira Abanyarwanda amateka yabo*

*Ibyiza dushobora kwikorera ubwacu ni ugufata mu biganza ibibazo byacu, kubishakira ibisubizo birambye no kwandika amateka yacu tudategereje ko abanyamahanga bayandika bashingiye ku nyungu zabo, imico n'imigenzereze ihabanye n'ubudasa bwacu.*

*Ubwo yatangizaga icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yasabye Abanyarwanda kutagira uwo baragiza ubuzima bwabo, akaba ari n'isomo yageneye Abanyafurika muri rusange.*

*Avuga ko badakwiriye kugira uwo baharira ubushobozi bwo kubagenera uko babaho, ndetse anashimangira ko umunsi bazaba babirenzeho ari na wo munsi bazaba babuze ubuzima bwabo, aho yahishuye izingiro ryo kubaho kwa muntu nk'ikiremwa gifite ubwenge n'ubushobozi bwo guhitamo indyo n'imoso.*

*Mu myaka myinshi u Rwanda rwamaze mu bukoloni kimwe n'ibindi bihugu by'Afurika, umusaruro wavuyemo ni uko Abakoloni barushijeho gukungahaza ibihugu byabo ari ko batindahaza ibihugu bari bafite mu nshingano zo kureberera.*

*Kuba icyo gihe barabonye ububasha bwo kuyobora ubuzima bwose bw'Abanyafurika, n'uyu munsi hari ingaruka zabyo kandi zizamara igihe kirekire cyane kugeza igihe abakolonijwe bose bazava mu iroro, bagatangira guharanira kwandika amateka yabo badashingiye ku bisigisigi by'imiyoborere ya gikoloni.*

*Mu gihe Abanyarwanda bakomeje ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, birajyana no kuzirikana ingaruka zo kuba amateka y'Igihugu yaravangiwe n'imiyoborere yimakaje urwango n'amacakubiri.*

*Kumenya izo ngaruka gusa ntibihagije, kuko n'uyu munsi haracyari imbaraga za gikoloni zishaka kuyobora Abanyarwanda nk'uko bayobowe mu myaka irenga 100 ishize, bikagira ingaruka zirimo na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye iya mbere ku Isi yahitanye abantu benshi mu gihe gito.*

*Birakwiye ko buri wese yumva ko ahazaza h'Igihugu n'ah'Umugabane hashingiye ku nshingano afata, kandi ko kunga ubumwe mu kwandika amateka mashya ari ingenzi cyane muri iyi Si yuzuye amahanga menshi yiteze inyungu mu kudashyira hamwe kw'Abanyarwanda n'Abanyafurika muri rusange.*

*Ubumwe bwacu buraduhuza kandi ni wo musingi w'iterambere ryose u Rwanda rwatekereza kugeraho mu gihe kizaza. Umubano n'amahanga na wo ni ingenzi, ariko kureka ayo mahanga agakora ibyo yishakiye bifite ikiguzi Abanyarwanda batiteguye kwishyura mu myaka iri mbere ishobora kubabera imfabusa.*

*Amateka u Rwanda rumaze kwandika mu myaka 31 ishize rwiyubaka, akwiye kurindwa ari na ko handikwa amashya ashingiye ku masomo yizwe mu myaka y'icuraburindi rwanyuzemo bitewe no kureka inkuru zarwo zikandikwa ndetse zikabarwa n'abandi bifuza ko Isi ikomeza kubona u Rwanda n'Afurika nk'isayo y'ibibazo n'amakuba bidashira kandi ari inkomoko y'ubutunzi ikeneye.*

# Guverinoma y'u Rwanda yanenze bamwe mu banyamakuru baba hanze y'igihugu bapfobya Jenoside

**KAYITARE Jean Paul**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko bibabaje kubona hari abanyamakuru baba hanze y'igihugu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, bafashe umurongo wo guhakana no gupfobya Jenoside. Ivuga ko izakomeza kwigisha abo banyamakuru no kubasobanurira.***

Minisitiri muri Perezidansi, Uwizeye Judith, yabigarutseho ejo ku wa 12 Mata 2025, mu mugoroba wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko abanyamakuru.

Ni gahunda yitabiriwe n'inzego zitandukanye zirimo n'iz'umutekano, abo mu miryango y'abanyamakuru bazize Jenoside ndetse n'umuryango mugari w'abanyamakuru mu Rwanda.

Minisitiri Uwizeye yavuze ko abanyamakuru bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi basize icyuho gikomeye mu miryango yabo ndetse no mu muryango nyarwanda muri rusange.

Itangazamakuru ryitezweho gusigasira ubumwe bw'abanyarwanda by'umwihariko mu bihe byo kwibuka. Minisitiri Uwizeye yagarutse ku banyamakuru baba hanze y'u Rwanda bahisemo guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yagize ati: "Birababaje kandi biteye agahinda kubona bagenzi banyu b'abanyamakuru bamwe basigaye baba hanze y'igihugu ndetse bamwe banakorokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bahangara bakayipfobya cyangwa bakayihakana, birengagije ingaruka na bo ubwabo yabagizeho bakavuga yuko Jenoside mu Rwanda ikoreshwa nk'igikoresho cya politiki. Ibi birababaje ndetse biteye n'agahinda."

Ku rundi ruhande, Uwizeye yavuze ko Guverinoma izakomeza kubasobanurira no kubigisha. Yashimiye cyane abanyamakuru bahisemo gukomeza igihango bumva neza by'umwihariko umurongo w'igihugu ndetse n'aho cyifuza kugera bityo bakaba bafatanya na Leta y'u Rwanda kuvuga amateka y'ibyabaye kandi no kwamagana ababigizemo uruhare.

Abanyamakuru basabwe gukomeza kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside kugira ngo amacakubiri n'urwangano bitazagaruka mu Rwanda.

Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi bibaye mu gihe ingengabitekerezo; ihakana n'ipfobya byafashe indi ntera cyane cyane ku mbuga nkoranyambaga no muri bimwe mu bitangazamakuru mpuzamahanga ndetse n'ibikorera kuri murandasi.

Yagize ati: "Ibi bigaragaza ko nta somo bamwe mu bagize uyu muryango mpuzamahanga basigiwe na Jenoside yakorewe Abatutsi 1994. Ibi bifite ingaruka zitandukanye zirimo gukomeza gutoneka abayirokotse."

Agaragaza ko nubwo u Rwanda rugeze aheza ariko ko ari ngombwa gukomeza guhangana n'ababiba imbuto z'amacakubiri n'urwango.

Guverinoma y'u Rwanda ishimira abanyamakuru n'abakoresha imbuga nkoranyambaga bahagurukiye kurinda ibyo u Rwanda rumaze kugeraho.

Minisitiri muri Perezidansi Uwizeye, yagize ati: "Birashishimishije cyane kubona abantu batandukanye mwicaye hano barara rwa ntambi, barajwe inshinga no kugira ngo banyomoze amakuru abogamye anyuzwa muri bimwe mu bitangazamakuru mpuzamahanga n'imbuga nkoranyambaga ku kibazo cy'umutekano muke ugaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo."

Yasabye kandi itangazamakuru kunyomoza amakuru y'ibihuha atangazwa ku bibera mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Ati "Kubera icyizere itangazamakuru rigirirwa ni ngombwa ko abanyamakuru mwumva ko mufite inshingano yo guhora ku ruhembe rwo gutanga amakuru nyayo no kugaragariza Isi yose ukuri ku mpamvu zitera umutekano muke muri RDC ari uko Abanye-Congo baharanira uburenganzira bwabo burimo ubwo kubaho, kubera guhora bitwa Abanyarwanda, bagahora bicwa bunyamaswa biturutse ku mvugo z'urwango ziturutse ku banyepoliti muri cyo gihugu."

Barore Cléophas, Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA), yagaragaje ko itangazamukuru mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi naryo ryakozwe mu nda.

Ati: "Itangazamukuru ryakozwe mu nda kuko ryabuze abagabo n'abagore, bazizwa ko ari Abatutsi, ntibahowe ko ibyo batangazaga byari byishe amahame y'umwuga kandi n'iyo biza kuba ari byo bakoze, uwishe amahame y'umwuga ntiyicwa arakeburwa, yananirana agahanwa n'amategeko atarimo igihano cy'urupfu."

Akomeza avuga ko abanyamakuru bibukwa bazize Jenoside, bakoze mu gihe kigoye kandi bakora bagowe.

Umuyobozi wa RBA, Barore, yibukije abitabiriye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 abanyamakuru bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ko bari intwari ndetse bakoze akazi kabo neza.



**Abayobozi batandukanye bifatanyije n'abanyamakuru kwibuka Abatutsi bahoze bakora mu itangazamakuru bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

# Ingengabitekerezo ya Jenoside iracyahangayikishije- Urwego rw'Umuvunyi

**KAMALIZA Agnes**

***Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje ko ikintu kigihangayikishije ari ingengabitekerezo ya Jenoside ikigaragara mu Rwanda no mu Karere ruherereyemo kandi ari yo yagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi 1994.***

Ni ibyatangajwe ku wa 10 Mata ubwo rwibukaga ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, aho beretswe amateka mabi ashingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside yahereye mu gihe cy'ubukoloni kugeza habayeho Jenoside.

Umuvunyi Mukuru Nirere Madeilene, yagaragaje ko u Rwanda ntaho rwahungira amateka mabi rwanyuzemo ariko agomba kuba amasomo gusa biteye inkeke kuba hakigaragara ingengabitekerezo ya Jenoside hirya no hino.

Yagize ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi yatangiriye ku ngengabitekerezo n'uyu munsi ubona bikiri ikibazo gikomeye cyane kuko iyo urebye mu Rwanda no mu karere dutuyemo, ndetse no hakurya mu mahanga ubona abantu ku mbuga nkoranyambaga ibyo bandika."



Abaturage mu Murenge wa Kigarama babanje gushyira indabo no kunamira abashyinguye mu rwibutso rwa Jenoside rwa Gikondo

Yagaragaje ko iyo ngengabitekerezo yabyaye Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 bityo ko ayo mateka adakwiye kwirengagizwa akigishwa ndetse agasobanurirwa bose haba abato n'abandi bigira nk'abatayazi bagamije gupfobya.

Yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 yatangiriye ku ngengabitekerezo yahawe umwanya imyaka myinshi, abantu babuzwa amahwemo mu gihugu cyabo ndetse barahohoterwa.

Ati:"Jenoside yakorewe Abatutsi yatangiriye ku ngengabitekerezo kuko yabaye inyigisho ya buri munsi yigishwa mu mashuri abantu bakarengana bakabuzwa uburenganzira mu gihugu cyabo bakicwa."

Agaragaza ko Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zo kurwanya akarengane umuntu yakorerwa ako ari ko kose by'umwihariko ko uburenganzira bw'umuntu ku guhugu cye ari ntavogerwa.

Prof. Bukanani Ismael, umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, yashimangiye ko Abanyarwanda babibwemo urwango kuva kera ari na rwo rwakuze rubyara Jenoside yakorewe Abatutsi 1994.

Yagaragaje ko urwo rwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside byazanwe n'Abakoloni b'Ababiligi aho bigishije Abanyarwanda ko ubwoko bafataga nk'ibyiciro by'imibereho harimo ububi bubangamiye ikiremwamuntu.

Avuga ko Ababiligi batangiye kwerekana uburyo Abatutsi ari abagome bayoboye Igihugu imyaka irenga 400, bavunisha Abahutu kuko babahekaga mu ngobyi, bakaba ari na bo bazanye 'Ikiboko',( Inkoni zakubitwaga uwahabwaga akazi n'Umukoloni ntakarangize).

Yagaragaje ko urwo rwango rwatangiye kwigishwa mu mashuri aho ndetse ku ngoma ya Perezida Kayibanda Gregoire hajyaho amategeko icumi y'Abahutu abangamira akanabuza uburenganzira abo mu bwoko bw'Abatutsi.

Yagize ati: "Mu ishuri batangaga urugero bagahagarika Abatutsi imbere, mwalimu akavuga ngo muri aba Batutsi batanu nishemo batatu hasigara bangahe?"

Yakomeje agira ati: "Perezida Kayibanda yashyizeho itegeko rivuga ko Umututsi uzava mu gihugu ahunze nta butaka azaba agifite mu gihugu, mu gihe yaba ahavuye ahunze agomba guhita abwamburwa."

Mu yandi mategeko harimo ayamburaga Umututsi ubumuntu nkaho yagereranywaga n'igisebe cy'umufunzo.

Prof. Bukanani akomeza avuga ko urwo rwango rwakomeje guhemberwa ruba gaheza ku ngoma ya Perezida Habyarimana Jouvenal Abatutsi bahezwa mu mashuri, baricwa n'bandi bakirukanwa mu kazi.

Agaragaza ko uko imyaka yagendaga isimburana ari ko Abahutu barushagaho gukaza umurego kugeza aho batangiye kwica ku mugaragaro 1994.

Avuga ko amateka y'u Rwanda ashariririye ariko nyuma y'aho Ingabo zahoze ari RPA-Inkotanyi zifatiye igihugu umutekano wagarutse ndetse umubano mu Banyarwanda ukaruka.

Bashima intambwe u Rwanda rumaze gutera rwiyubaka kuko ubu umucyo wasimbuye umwijima ariko bagasaba ko uwo mucyo ukwiriye gusigasirwa harindwa icyasubiza Igihugu mu icuraburindi cyane ko mu Karere na bamwe mu Banyarwanda biganjemo abasize bakoze Jenoside bagifite iyo ngengabitekerezo.

# Ngororero: Abazi ahari imibiri itarashyingurwa basabwe gutanga amakuru

**NYIRANEZA Judith**

***Abantu bo mu Karere ka Ngororero basabwe gutanga amakuru y'aherereye imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro.***

Byagarutsweho kuri uyu wa Kane tariki ya 10 Mata 2025, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyakorewe ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ngororero aharuhukiye inzirakarengane zirenga 8 600.

Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) Maj Gen (Rtd) Murasira Albert yasabye abafite amakuru ahaba hahereye imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro kuyatanga.

Ati: "Ababa bazi aho imibiri itaraboneka iherereye rwose mugire umutima wa kimuntu muherekane ishyingurwe mu cyubahiro."

Yashimiye abarokoye inzirakarengane zahigwaga barangajwe imbere n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda Perezida Paul Kagame.

Yanabasabye kuba hafi abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Maj Gen.Rtd Murasira yagarutse ku buyobozi bubi bwabibye amacakubiri mu Banyarwanda, bukimika ingengabitekerezo ya Jenoside maze asaba buri wese by'umwihariko urubyiruko kwamaganira kure abagishaka kuyibiba mu Banyarwanda n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ndongozi Phocas warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu buhamya yatanze yagarutse ku nzira y'inzitane yanyuze we na bagenzi be bahigwaga, ku bwicanyi ndengakamere bwakorewe inzirakarengane ubuyobozi burebera.

Yashimiye ingabo za RPF-Inkotanyi zahagaritse Jenoside zikarokora bamwe mu bahigwaga ubu bakaba batanga umuganda wo kubaka u Rwanda.

Ati: "Turashima cyane ingabo za RPF-Inkotanyi n'uwari uzirangaje imbere Perezida Paul Kagame zaturokoye, zikadukura mu menyo ya rubamba, ni zo dukesha ubuzima."

KOMEZA KU RUP.9





# Ngororero: Abazi ahari imibiri itarashyingurwa basabwe gutanga amakuru

IBIKURIKIRA URUP.8

Abiyingoma Beline uhagarariye imiryango ifite ababo bashyinguye ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ngororero, yagaragaje intimba aterwa no kuba hakiri imibiri itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

Ati: "Abarokotse Jenoside duterwa intimba no kuba hari imibiri y'abacu bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro. Turasaba abahazi gutanga amakuru."



Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi Maj Gen (Rtd) Murasira Albert

Intumwa ya IBUKA ku rwego rw'Igihugu Komiseri Manirarora Annoncée na we yashimiye ingabo zarokoye abahigwaga zigahagarika Jenoside.

Yashimiye ubutwari bw'abarokotse bataheranywe n'agahinda ubu bakaba bageze kure biyubaka.

Yashimiye politiki nziza yashyizeho amahirwe angana ku benegihugu bose.

Yagarutse ku bibazo abarokotse Jenoside bagihura nabyo birimo amwe mu macumbi ashaje, imanza za Gacaca zitarangizwa, ingengabitekerezo ya Jenoside ikigaragara kuri bamwe.

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero Nkusi Christophe na we yasabye abaturage gutanga amakuru y'ahaba hakiri imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro.

Ati: "Bavandimwe mutuye Akarere ka Ngororero, mugire umutima ubakomanga mureke guhishira amakuru, murange aho imibiri y'inzirakarengane iherereye ishyingurwe mu cyubahiro, twirinde imvugo n'ibikorwa bibi biganisha ku ngengabitekerezo ya Jenoside, tube hafi abarokotse Jenoside tubafate mu mugongo tugoboka abatishoboye."

Imibiri 2 yabonetse yashyinguwe mu cyubahiro, abo mu miryango ikomokamo bavuze ko baruhutse intimba bari bafite yo kudashyingura ababo.

# Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yashimye Abanyarwanda bishatsemo ibisubizo by'ubutabera kuri Jenoside

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa Domitilla yashimye ko Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bishatsemo ibisubizo mu gutanga ubutabera ku byaha bya Jenoside mu Rwanda no mu mahanga.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 11 Mata 2025, i Nyanza ya Kicukiro, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abayobozi batandukanye, urubyiruko n'inshuti z'u Rwanda zaturutse mu bihugu bitandukanye.

Mu butumwa yabahaye, Mukantaganzwa yashimye ko u Rwanda rwiyemeje kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, avuga ko bifasha mu guhangana n'ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri yoretse u Rwanda.

Yagarutse ku gutsindwa k'Umuryango Mpuzamahanga wananiwe kurinda Abatutsi bari bawuhungiyeho kuri ETO Kicukiro, ingabo z'Ababiligi zikabasigira, Interahamwe




Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yibukije ko Abanyarwanda bishatsemo ibisubizo mu rwego rw'ubutabera

n'abasirikare bari muri EX-FAR, baje kwicira abarenga 3000 i Nyanza ya Kicukiro.

Ati: "Kubibuka bitwibutsa umuhigo wo kutabisubiramo ukundi".

Yibukije Abanyarwanda ko nyuma ya Jenoside Abanyarwanda bishatsemo ibisubizo birimo gutanga ubutabera ku bantu bari bakurikiranyweho ibyaha bya Jenoside.

Yagize ati: "Nubwo tuzahora twibuka ibi bihe bigoye twanyuzemo, tujye tunibuka, ko twishatsemo ibisubizo maze tukiyubakira Igihugu twishimiye, tubikesha ubuyobozi bwiza bwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame."

Yunzemo ati: "Mu bisubizo twishatsemo harimo icy'ubutabera bw'ibyaha bya Jenoside, Abanyarwanda tugira uruhare mu Nkiko Gacaca, twishakamo imbagara zo kujya gutanga ubuhamya mu rukiko rw'Umuryango w'Abibumbye rwashyiriweho u Rwanda rwari Arusha. Twishatsemo n'imbaraga zo kujya gushinja no gutanga ubuhamya ku baburanishwa n'ibihugu bahungiyemo."

Yakomeje avuga ko gutanga no kubona ubutabera ku barokotse ari uburenganzira bwabo kandi ko bituma abazize Jenoside basubizwa agaciro no gusohoza inshingano Abanyarwanda bafite ku gihugu n'ababakomokaho.

Yakomeje agaragaza ko nubwo u Rwanda rwafashe ingamba ko Jenoside itazasubira ukundi ariko mu Karere k'Ibiyaga Bigari ingengabitekerezo yayo ikomeje kuhagaragara cyane cyane mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, aho ikwirakwizwa n'abasize bakoze Jenoside mu Rwanda.

Ati: "Ingengabitekerezo ya Jenoside iherekejwe n'ibikorwa by'urugomo n'ubwicanyi byibasiye Abanyekongo bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda cyane cyane Abatutsi kandi bikorwa Umuryango Mpuzamahanga urebera, nkuko byagenze mu Rwanda mu 1994 na mbere yahoo."

Yakomeje avuga ako aho kugira ngo uwo Muryango Mpuzamahanga ugire icyo ukora ngo ibyo bikorwa bibi bihagarare, ahubwo ukomeje gushinja u Rwanda kubigiramo uruhare no kurufatira ibihano bidafite ishingiro.

Karasira Venuste w'imyaka 73, umwe mu barokokeye i Nyanza ya Kicukiro. Mu buhamya bwe, yavuze ko kuva mu 1990, we n'abagize umuryango we batararaga mu byumba bari basanzwe bararamo kubera ko iyo byageraga nijoro baterwaga amagerenade.

Ati: "Ariko umugore wanjye akaryama kare kugeza saa sita cyangwa saa Saba z'ijoro nkajya kuryama akaza kunsimbura cyangwa naba ntananiwe ngakomeza nkamureka akaryama."

Yasobanuye inzira y'umusaraba Abatutsi banyuzemo nyuma yo gusigwa n'ingabo z'Ababiligi aho bagejejwe i Nyanza bakaraswa amasasu menshi we n'abandi bake baza kurokorwa n'ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi.

Mu gikorwa cyo kwibuka i Nyanza ya Kicukiro hacanwe urumuri rw'icyizere, hakaba hanabanje gukorwa urugendo rwo kwibuka inzira y'umusaraba Abatutsi bakoze bava kuri ETO Kicukiro berekezwa ku musozi wa Nyanza aho biciwe urw'agashinyaguro.

Ku Rwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro hashyinguwe imibiri y'Abatutsi isaga ibihumbi 105 barimo abagera ku 3 000 biciwe ku musozi wa Nyanza.

# Kwibuka 31: Umusore w'aho yahungiye yatashye avuga ngo 'Umututsi aramunukiye'

KAMALIZA Agnes

***Bamurange Ernestine mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yagiye kwihisha mu baturanyi na barumuna be azi ko bari bumutabare, ahubwo abona umwana waho aje yuzuye amaraso umubiri wose ndetse ajojoba no ku muhoro, avuga ko Umututsi ari kumunukira.***



Bamurange Ernestine mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho yari yizeye amakiriro ni bo bamushushubikanyije

Bamurange yavukiye mu yahoze ari Komine Rubungo, ubu ni mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo mu Murenge wa Remera hafi ya Sitade 'Amahoro' ahazwi nko mu Gihogere.

Avuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye afite imyaka 17 ariko yatangiye guhohoterwa akubitwa ndetse akanafungwa we na mukuru we witwaga Nzamukosha Jeannette mu 1993.

Se akaba yaritwaga Murekezi Yohana na nyina yitwa Mukarulinda Kiriseriya gusa mu gihe cya Jenoside babanaga na se gusa kuko nyina yari yaragiye kurwaza nyina wabo.

Icyo gihe ngo yaririmbaga muri korali ariko buri uko avuye mu myitozo baramutangiraga bakamwaka indangamuntu yayibura bakamujyana kuri Burigade agakubitwa bikomeye, ndetse bikaba byaramuviriyemo ubumuga bwo mu mutwe.

Bigeze muri Gashyantare 1994, avuga ko yavuye gusenga ari kumwe na Jeannette na bwo baza kubatangira babaka amarangamuntu ariko icyo gihe ngo bari barayabonye.

Basomye mu ndangamuntu basanze handitsemo 'Tutsi' barakubitwa. Ati: "Nyuma yo gusoma bagasangamo Tutsi badushoreye kuri Burigade badukubita ari na zo nkoni zamviriyemo kumugara umutwe kugeza n'ubu nta kintu nakwikorera."

Umunsi umwe ngo yagiye kureba mukuru we wacuruzaga amata, asanga Interahamwe zabatangiririye mu Gihogere ziramukubita hafi yo kumwica ku b zirakomeza.

Icyo gihe mukuru we ngo yaracerembye ariko ageze iwabo abatekerereza ibyababayeho, bajya kumushaka ku bw'amahirwe basanga yabaye intere ariko atapfuye.

Bamurange akomeza avuga ko bigeze tariki 06 Mata 1994 ari bwo yumvise musaza wabo witwaga Kanimba Marcel aza abwira se ko bagiye gupfa.

Yagize ati: "Twagiye kumva musaza wacu aje yiruka abwira papa ati turapfuye turashize twumva aravuze ngo Kinani yapfuye!"

Bukeye bwaho tariki ya 07 Mata, ni bwo musaza wabo yavuze ko agiye kubahahira kugira ngo bazabone ibyo barya ndetse na we ngo aramukurikira na murumuna we witwaga Mahoro ngo bajye no kuzana amata, ariko mu Gihogere na Nyagatovu ngo bari bamaze kuhashyira bariyeri.

Akigera iwabo hahise haza umuhungu w'umugabo bari baturanye witwaga Majyigiri aza kubishongoraho amubwira ko aho ari bumubone hose atamucika.

Akihava hahise haza undi muturanyi aje kubaburira anazanye inkuru y'inshamugongo ko musaza wabo Marcel bamaze kumuvuna amaguru.

Ati: "Yabwiye Papa ati fata abana ubahungishe kuko ubu tuvugana wa muhungu wawe Marcel bamukubitiye mu Gihogere nsize bamuvunnye amaguru atabawe n'uko abahaye ibihumbi 20 yari afite naho bari bamwishe."

**Yahungiye mu baturanyi bamwakiriza imihoro**

Se ngo yahise abwira abana guhungira ahitwa kwa Munyangaju kuko bari inshuti.

Bahageze urusaku rw'imbunda ari rwose n'imiborogo ariko ngo bakihagera batunguwe no kubona banga kubakira bakabura aho berekeza.

Bamurange akomeza avuga ko bihishe mu muringoti wari hafi aho ariko baza kubonwa n'undi muntu wabaga muri urwo rugo witwaga Nyiramutuzo na mubyara w'uwo mugabo witwaga Rwabuhungu, yari yahindutse amaraso masa n'ibyuma n'imihoro bijojoba.

Yagize ati: "Nagiye kubona mbona Rwabuhungu yambaye itaburiya y'umweru yahindutse amaraso gusa, afite n'icyuma kinini n'umuhoro ubwo Nyiramutuzo yahise yihumuriza, azamura amazuru avuga ngo Umututsi aramunukiye…"

**Uko Bamurange yarokowe n'Inkotanyi**

Akomeza avuga ko yakomeje kwiruka ahungana na murumuna we bahungira ahitwa kwa Munyanshogoza babahisha iminsi mike nyuma baza kuhava batinya kwicwa ubwo batangira inzira y'ubuhunzi.

Bakomeje bihishahisha bagera ahitwa mu Kajevuba ubu ni mu Karere ka Rulindo gusa bakihagera ngo uwari Burugumesitiri waho yahise atanga amatangazo avuga ko nta Mututsi ashaka muri ako gace.

Yagize ati: "Akimara gutanga itegeko Interahamwe zatwadutsemo kuko twari twahunze turi benshi bamwe bahasiga ubuzima abandi babashije kurokoka barakomeza."

Bamurange akomeza asobanura inzira itoroshye yanyuzemo

Ati: "Tukigera aho bari bagiye kutwicira twaniyakiriye, hari umusirikare umwe wavuze n'ijwi riri hejuru aravuga ati 'abo bantu mwibica'! Nimuramuka mubikoze mufite ibibazo."

Akibivuga ngo hahise humvikana urusaku rwinshi rw'imbunda ba bandi bari babashoreye bariruka, na bo bakomeza kwiruka bahungira muri Nyacyonga, mu mpunzi zari zuzuye abicanyi.

Ati: "Ubwo twarakomeje turagenda tuba twikubise muri za mpunzi za Nyacyonga zishe Abatutsi ba Karuruma no mu Gatsata zarabishe zarabamaze zarasahuye n'imitungo ubwo tubagwamo barimo babaga inka."

Umwe muri izo mpunzi ngo yahise atera ijwi hejuru avuga ko Inyenzi zabajemo kandi ziri hafi aho Karuruma.

Bamurange akomeza agaragaza ko bahise bagenda biruka ngo bumva umwe aravuze ati: "Ese ko aho ngaho mujya hari Inkotanyi murazica he?"

Bakirita mu gutwi bakomeje kwiruka bagana mu gice cy'Inkotanyi zari muri Karuruma.

Yagize ati: "Twarirutse na bo batwiruka inyuma ku bw'amahirwe tugwa mu Nkotanyi nguko uko twarokokeye aho turenze Nyacyonga twinjiye muri Karuruma."

Akomeza avuga ko Inkotanyi zabakiranye urukundo ndetse zirabahumuriza zibibutsa ko babonye ubuzima batagipfuye.

Inkotanyi zaratubwiye ziti: "Mwicare mutuze ukuntu mwarokotse, tuzabiganira mushize impumu."

Bamurange ashimira Inkotanyi zabahaye ubuzima na Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yatumye bongera kubaho, ikabavura ibikomere n'agahinda ka Jenoside.

Gusa agaragaza ko nubwo yarokokanye na karumuna ke kugeza n'ubu agishengurwa n'abandi bavandimwe be batatu bataraboneka ngo bashyingurwe mu cyubah





# BNR yasabye urubyiruko kubaka Igihugu basigasira amateka

KAMALIZA Agnes

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yasabye abakozi bayo by'umwihariko abakiri bato n'urubyiruko kugira umwete wo kubaka Igihugu no kugikorera bashingiye ku gusigasira amateka yakiranze.***

Ibyo byagarutsweho ku wa 10 Mata ubwo BNR yibukaga ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hibukwa abari abakozi bayo bishwe bazira uko bavutse, basubizwa icyubahiro bambuwe, hanashyirwa indabo aho imibiri yabo iruhukiye.

Ni igikorwa cyabereye ku kicaro gikuru cya BNR aho hibutswe abari abakozi bayo 22 bazize Jenoside yakorewe Abatutsi 1994.

Guverineri wa BNR Soraya Munyana Hakuziyaremye, yasabye urubyiruko ruhakora gusigasira amateka ndetse bagakorera Igihugu muri byose bakigira ku byakoze abahoze ari ingabo za RPA.

Yagize ati: "Twese hamwe tugire ishyaka ryo kubaka Igihugu cyacu, kukitangira, kugikorera mu byo dukora byose cyane cyane ku rubyiruko n'abakiri bato bakora ubu muri BNR. Aya amateka mugomba kuyasigasira mugakomeza umurage w'ubwitange, gukunda Igihugu no kukitangira nk'uko byaranze ingabo za RPA zahagaritse Jenoside."

Yasabye abakozi kuba intangarugero ku Isi bakubaka bakitangira kubaka ubukungu butajegajega.

Ati: "Nk'abakozi ba BNR turasaba gukora tukagira Banki Nkuru y'ikitegererezo ku Isi yose kandi tugatanga umusanzu mu kubaka ubukungu bw'igihugu cyacu butajegajega."

Imiryango yarokotse y'abahoze ari abakozi ba BNR baruhukiye muri urwo rwibutso yashimye uburyo BNR yababaye hafi mu rugendo rwo kwiyubaka ntibaheranwe n'agahinda nubwo banyuze mu bihe bitoroshye.

Uwimana Ignace Marie, yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yamugize inshike ariko BNR yamufashije kudaheranwa n'agahinda imufata mu mugongo bongera kugira icyizere cyo kubaho.

Ati: "Turabashimira igikorwa kiza cyo kuduhuza, kudufata mu mugongo, kutugarurira icyizere cyo kongera kubaho n'inkunga mwaduteye muri buri gikorwa ngarukamwaka cyo Kwibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 bazira uko baremwe."

Abarokotse Jenoside kandi bashimira abahoze ari ingabo za RPA-Inkotanyi zayihagaritse zikabaha ubuzima mu gihe ikizere cyo kubaho cyari cyarayoyotse.

Banashimira Leta y'u Rwanda yabomoye ibikomere ubu bakaba bari mu nzira yo kwiyubira Igihugu no guharanira iterambere ryacyo bamagana icyagisubiza mu bihe by'umwijima cyahozemo.



BNR yibutse abahoze ari abakozi bayo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994




Urubyiruko rwibukijwe gusoma amateka abafitiye akamaro

# Urubyiruko rusabwa gukoresha imbuga nkoranyambaga zirufitiye akamaro

KAYITARE Jean Paul

***Urubyiruko rurwana intambara yo kurwanya ibinyoma hakoreshejwe kuvuga ukuri ariko rushobora kuba rufite amakuru atuzuye ku buryo yanesha ibiba byateguwe n'abagizi ba nabi kuko bo baba bafite ukuntu baba barubatse uburyo bwo kuzahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Byagarutsweho na Depite Munyandamutsa Jean Paul mu kiganiro cyihariye yahaye Imvaho Nshya nyuma y'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Niboye, ku mugoroba wo ku wa 09 Mata 2025.

Yagize ati: "Barebe imbuga nkoranyambaga zifite akamaro bareke guta umwanya ku zidafite akamaro. Nibakoreshe izifite akamaro kandi aho kwakira amakuru, na bo basohore ukuri kw'Igihugu cyabo ariko natwe ababyeyi dufite inshingano zo kubaha amakuru y'imvaho, y'ibyo twabayemo n'ibyo twanyuzemo."

Yongeyeho ati: "Amasomo tubaha azabafasha kujya ku rugamba rwo gusenya ibinyoma kandi urubyiruko rwacu rushobore gusohora ukuri kw'ibyo rwemera."

Ikibazo cy'ingengabitekerezo ya Jenoside, Depite Munyandamutsa agaragaza ko hari n'ahandi ingengabitekerezo bayishakiye icumbi, bayiha n'uburyo bwo kuzajya igeza ku Banyarwanda ibisenya ubumwe bwabo binyuze mu bitangazamakuru no ku mbuga nkoranyambaga.

Akomeza agira ati: "Nta gitangaje kuba hari urubyiruko rwacu rushobora gutorezwa mu muryango cyangwa kumva ibiruganisha ku kugutega amatwi ababiba ingengabitekerezo ya Jenoside noneho bakazayigira iyabo.

Bidusaba guhora buri munsi tumenya ko icyo kibazo kitarangiye, tugahora dukaza ingamba zo kurinda urubyiruko rwacu ari nabwo buryo bwiza bwo kurinda igihugu muri rusange."

Depite Munyandamutsa anenga ababyeyi basa nkaho kubwira amateka urubyiruko n'iby'Igihugu cyabo banyuzemo babihariye abayobozi.

Ati: "Ababyeyi nk'ababa babana n'urubyiruko, barasabwa kugira uruhare runini cyane.

Harimo ababa bicecekera, hari ababona abana bayoba ntibavuge bati sigaho, hari n'abatazi ibyo abana babo barimo ariko hari n'abashobora kuba benyegeza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Dukwiye kureba ibyo bice byose by'ababyeyi tukagira icyo dukora gituma ababyeyi bagira uruhare mu kudufasha kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda."

Mu mpera z'ukwezi gushize Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneraguhugu, Dr Jean-Damascène Bizimana, yatangaje ko abashinze n'abayobotse ihuriro rya Jambo ASBL barazwe ingengabitekerezo ya Jenoside kandi birirwa bakwirakwiza ibinyoma.

U Bubiligi ni kimwe mu bihugu byahungiyemo bamwe mu bari abayobozi bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, barimo n'abari abakire cyangwa abize mu bihugu by'i Burayi.

Benshi mu bana bakomoka ku bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uyu munsi biganje mu ihuriro Jambo ASBL ryamunzwe n'ingengabitekerezo ya Jenoside, guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri Dr. Bizimana, abinyujije kuri konti ya X, yavuze ko nta muntu wo muri iri huriro uri mu cyiciro cy'impunzi kuko ntacyo u Rwanda rwabatwaye ahubwo bahunze kubera ingengabitekerezo ibarimo.

# Umuryango Mpuzamahanga nta somo wasigiwe na Jenoside- Min Uwizeye

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri muri Perezidansi Judith Uwizeye, yavuze ko nta somo Umuryango Mpuzamahanga wasigiwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko n'ubu ukomeje kurebera ibikorwa bihembera ingengabitekerezo n'urwango bibera mu karere.***



Minisitiri muri Perezidansi Judith Uwizeye yagaragaje ko nta somo Umuryango Mpuzamahanga wakuye kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Yabigarutseho mu gikorwa cyabaye ku mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki ya 12 Mata 2025 cyo kwibuka abanyamakuru n'abandi bakoraga mu bigo by'itangazamakuru bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda bibaye mu gihe ingengabitekerezo ya Jenoside, ihakana n'ipfobya byafashe indi ntera, murabikurikira kandi murabibona cyane cyane ku mbuga nkoranyambaga, no muri bimwe mu bitangazamakuru mpuzamahanga ndetse n'ibitangazamakuru bikorera kuri murandasi.

Ibyo bigaragaza ko nta somo bamwe mu bagize Umuryango Mpuzamahanga basigiwe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibi bifite ingaruka zitandukanye zirimo gukomeza gutoneka abayirokotse. "

Minisitiri Uwizeye yavuze ko hakwiye gifatwa ingamba zo kurwanya abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Nubwo bigaragarira buri wese ko u Rwanda rumaze gutera imbere, rumaze gutera intambwe ndende ndetse tugeze aheza mu bumwe n'ubwiyungemu kwiga no mu iterambere muri rusange ni ngombwa ko hafatwa ingamba zo guhangana n'abifuza kongera kubiba imbuto z'amacakubiri n'urwango ndetse tukagerageza kubarwanya twivuye inyuma duharanira ko ayo macakubiri n'urwangano bitagaruka mu gihugu cyacu."

Yashimiye abanyamakuru bakora ibishoboka bagafata umwanya bagahangana n'abakwirakwiza ibinyoma.

Ati: "Ariko kubera imiyoborere myiza y'Igihugu cyacu, Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko, abanyamakuru n'abakoresha imbuga nkoranyambaga bahagurukiye kurinda ibyo tumaze kugeraho.

ibyo ni byiza cyane, birashimishije cyane kubona abantu batandukanye mwicaye hano barara rwantambi barajwe ishinga no kugira ngio banyomoze amakuru abogamye anyuzwa muri bimwe mu bitangazamakuru mpuzamahanga n'imbuga nkoranyambaga ku kibazo cy'umutekano muke ugaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo."

### Itangazamakuru rifitiwe icyizere rigaragaze ukuri ku kibazo cya RDC

Yavuze ko kubera rero icyizere itangazamakuru rigirirwa, ari ngombwa ko abanyamakuru bumva ko bafite inshingano yo guhora ku ruhembe rwo gutanga amakuru nyayo no kugaragariza Isi yose ukuri ku mpamvu zitera umutekano muke muri RDC.

Ati: "Ni uko Abanyekongo baharanira uburenganzira bwabo bwo kubaho. {....] abo Banyekongo bahora bitwa Abanyarwanda bahora bicwa bunyamaswa biturutse ku mvugo z'urwango rw'abanyapolitiki batandukanye bo muri icyo gihugu barimo nabo mu nzego nkuru z'ubuyobozi bw'icyo gihugu.

Ibikorwa bigiye bitandukanye birimo kwangiza imitungo yabo banyekongo n'ibindi bikorwa byinshi bikorerwa abo banyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda."

Minisitiri muri Perezidansi Uwizeye, yanagarutse ku ruhare rw'itanzamakuru ku kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ati: "Itangazamakuru kandi ryitezweho uruhare rukomeye mu gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda, by'umwihariko mu gihe cyo kwibuka mbonereho gushimira cyane Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC), amashyirahamwe y'abanyamakuru atandukanye ndetse n'abanditsi bakuru b'ibitangazamakuru bahora bagenzura uko abanyamakuru batagwa mu mutego wo gupfobya cyangwa se no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Hon Christine Muhongerwa na we yakomoje ku bubi bwa bimwe mu bitangazamakuru byenyegeje Jenoside biranga aho Abatutsi babaga bihishe.

Ati: ".... itangazamakuru ryari umuyoboro w'ibinyoma ngo bogagize Jenoside nk'uwakogeza umupira, haza kuza RTLM, ririmo na Kantano na Bemeriki bavuga ko ibintu ari iby'Abahutu, ba Hassan Ngeze. Itangazamakuru ryagize igihe cyo gusenya igihugu rihereye mu mizi ari ko ubu mbashimire ko mwubaka, mukavuga ukuri mukarwanya ikinyoma."

Kuri ubu yasabye itangazamakuru guhagarara uko bikwiye, ijwi ry'umunyamakuru rikagera kure,ari ijwi ryiza kandi ryubaka ndetse umunyamakuru ubwe yihe intego, 'harabaye ntihakabe, u Rwanda rwageze kure kubera bamwe mu banyamakuru ariko ntibigasubire'.

Francois Karangwa uhagarariye imiryango y'abibukawa bahoze mu itangazamakuru, yavuze ari umwanya wo kwibuka abahoze bakora mu itangazamakuru, asobanura uburyo bwo kubibuka.

Ati: "Fata uyu mwanya wongere ukurure isura ye, umwibuke, isura ye itazazima kandi warasigaye. Yinjiraga mu rugo ate avuye ku kazi, ongera umwibuke. Ibuka ibyo yakundaga, ibyo yahoraga atekereza gukorera Igihugu, ibuka igihe yinjiraga agusekera, mukomeze mubibuke mwibuke za nseko zabo, ibyiza bari bafite. Tugomba kubibuka kuko tutabikoze ni ko kuzima kwabo kandi natwe ntaho twaba dusigaye."

Yashimye Leta y'Ubumwe bw'Abanyartwnda nziza ibahumuriza, ikabaha umwanya ubakomeza.

Ati: "Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yaduhaye uyu mwanya ngo tubashe kwibuka abacu. Ni iby'agaciro kandi dushima."

Hijejwe ko kuba hateganywa ahantu hajya amazina y'abanyamakuru n'abakoraga mu itangazamakuru bibukwa, mu gihe cyo kubibuka hakaboneka aho tindabo zirambikwa, MINUBUMWE na RGB bazakomeza kubiganiraho kandi bigaragara ko bikenewe.

Ikindi ni uko Leta izakomeza kuba hafi itangazamakuru mu rugendo rwo kwiyubaka, kuko ari abafatanyabikorwa bakomeye mu rugendo rwo kugera ku Rwanda twifuza. Izakomeza gufatanya yaba mu byo ryifuza kuri Leta y'u Rwanda ndetse no kubana mu rugendo rwo kubaka Igihugu.








Abacuruzi bavuze ko bazakora ubucuruzi bwubaka aho kugira ngo busenye igihugu

# Abacuruzi bagaragaje ko bafite umukoro wo kubaka Igihugu kurusha uko bagisenye

MUTETERAZINA Shifah

***Abacuruzi by'umwihariko abakorera mu isoko rya Kabeza mu Murenge wa Kanombe (Kabeza Modern market), bavuga ko uruhare rwabo rukwiye kugaragarira mu gukora ubucuruzi bwubaka Igihugu kuruta ubwakorwaga mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bwagisenye.***

Ingero za bamwe mu bacuruzi barimo Kabuga Felicien bakoresheje umutungo wabo batera inkunga ibikorwa byo gutegura no gukora Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, wagize uruhare mu itumizwa ry'imihoro hanze y'Igihugu, itumirijwe kwica Abatutsi.

Ku itariki ya 8 Mata 2025, abacuruzi basaga 350 bacuruza mu isoko rya Kabeza basuye urwibutso rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera.

Burumbuke Antoine ati: "Abariho muri icyo gihe bacuruza wasangaga hari abadafite ubwisanzure bitewe n'imibereho twari turimo, ariko uyu munsi uwo ari we wese araza agashaka ikibanza agakora, buri wese arishyira akizana ntawe uhohoterwa, icyo tugomba gukora ni ugutanga imisoro no kubaka ibyasenyutse."

Murekatete Annonciata umaze imyaka 12 akora ubucuruzi, yagize ati: "Nshuruza ibijyanye n'imboga, bisaba ko tuzinduka kare saa munani na saa cyenda z'ijoro, tuba turi mu mihanda, iyo uri mu gihugu gitekanye biduha umukoro wo kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda, tukubaka n'Igihugu."

Uwari uhagarariye abacuruzi, Rukundo Patrick, yagize ati: "Hari abacuruzi batumizaga imihoro mwarabumvise bakajya mu gikorwa cyo kuzana ibihungabanya Abanyarwanda aho kugira ngo bazane ibibaramira.

Abacuruzi bariho ubu tugomba kugendera kuri Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda tukaba mu gihugu kitagira ubwoko, ni yo mpamvu twazanye ingeri zose z'abacuruzi by'umwihariko urubyiruko kugira ngo bazabe abacuruzi babumbatira aya mateka bibafashe kurinda u Rwanda ruzira amacakubiri."

Ubuyobozi bw'Umuryango uharanira inyungu z'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Kanombe (IBUKA), buvuga ko igikorwa cyo gusura urwibutso ari ingenzi, cyane ko urubyiruko rw'abacuruzi rwasobanukiwe amateka.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama ruri mu Murenge wa Ntarama mu Karere ka Bugesera, ruruhukiyemo imibiri irenga ibihumbi bitanu.

# Jenoside ntabwo irangwa n'ubwinshi bw'abishwe- Dr Bizimana abeshyuza Ndagijimana upfobya Jenoside

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Biziman Jean Damascene yagaragaje ububi bw'Abanyapolitiki bahoze mu Rwanda barimo Ndagijimana Jean Marie Vianney, ubeshya ko Abatutsi bishwe muri Jenoside batarenga 350 000.***

Dr Bizimana yashimangiye ko Abatutsi bazize Jenoside basaga miliyoni kandi ko imibare atari yo iherwaho ngo Jenoside yemezwe.

Yabigarutseho kuri iki Cyumweru tariki ya 13 Mata 2025, ubwo hasozwaga icyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko hibukwa Abanyapoliki beza baranzwe no kwamagana umugambi wa Jenoside.

Mu kiganiro yatanze Dr Bizimana Jean Damascene yagaragaje bamwe mu banyapolitiki muri iki gihe bakiriho bapfobya Jenoside barimo Ndagijimana Jean Marie Vianney wabaye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga muri Guverinoma yashyizweho bwa mbere, nyuma ya Jenoside, kuri uba wiyita umunyapolitiki uba mu Bufaransa, akaba avuga ko ababaruwe bazize Jenoside yakorewe Abatutsi ari ibihumbi 350.

Dr Bizimana yagize ati: "Aba banyapolitiki bahimbye ibinyoma byinshi, kimwe mu byo bavuga ngo nta miliyoni y'Abatutsi yabaye mu Rwanda, ko rero kuvuga ko hari Abatutsi barenga miliyoni bishwe, cyaba ari ikinyoma."

Yakomeje agira ati: "[…] Ndagijimana hari aho avuga ko hakurikijwe ibarura ryakozwe na Loni kuvuga ko hapfuye Abatutsi barenga miliyoni ni ikintu kidafite ishingiro."

Yakomeje avuga ko Ndagijimana atangaza ko abakoze ibarura bamubwiye ko basanze Abatutsi mu 1994, batararengaga 350 000, hose mu gihugu.

Dr Bizimana yavuze ko Ndagijimana yavuze ati: "Abanyamerika babafashaga batangiye kubivuga birukanwa mu Rwanda, kandi murabazi na bo bakunze gutanga ibiganiro ko bafatanyije na FPR gukora ibarura. Ababyeyi bacu bazize Jenoside babaye ibicuruzwa kugira ngo bongerwemo Inkotanyi zaguye mu ntambara, ababyeyi bazo, imiryango yabo, kugira ngo na bo babone imfashanyo z'amahanga zahabwaga abacikacumu."

Ku rundi ruhande ariko Dr Bizimana yavuze ko ibitangazwa na Ndagijimana wiyita umunyapolitiki bibumbatiye ibinyoma gusa.

Ati: "Ibi avuga, icya mbere nta barura ryigeze riba mu Rwanda ririmo Abanyamerika, ni ikinyoma. Ibarura ryakozwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu MINALOC, mu mwaka wa 2000, imibare yabonetse icyo gihe, ifitiwe amazina y'abazize Jenoside yari 1 074 047."




Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr Jean Damascene Bizimana

Yakomeje avuga ko imibare yagiye yiyongera kubera amakuru yatanzwe mu gihe cy'Inkiko Gacaca n'ubundi bushakashatsi bwakozwe nyuma yaho.

Dr Bizimana yashimangiye ko kugira ngo Jenoside yemezwe bidashingiye ku mibare nk'uko abapfobya Jenoside babyibwira.

Yagize ati: "Iyo avuga [Ndagijimana] ngo habonetse Abatutsi 350 000, iki kibazo abapfobya Jenoside bagaragaza cy'imibare ngaragaze ko nta shingiro gifite, Jenoside ntabwo irangwa n'ubwinshi bw'abishwe, irangwa n'umugambi wateguwe wo kwica itsinda, icyiciro cyabo, bazira ubwoko bwabo, n'iyo hakwicwa umwe cyangwa babiri, hateguwe umugambi wo kubatsemba".

Dr Bizimana yacukumbuye imibare y'ibarura ryakozwe n'Abakoloni b'Ababiligi mu Rwanda hagati y'umwaka 1959 na 1960.

Yavuze ko muri Teritwari z'u Rwanda zari 10, zigereranwa na Perefegitura zariho mu Rwanda.

Ati: "Dore uko imibare y'Abatutsi yari iteye, Butare yari ifite Abatutsi 23%, Nyanza 22%, Cyangugu 22%, Kibungo 16%, Gitarama 15%, Byumba 13%, Kigali 13%, Ruhengeri 8%, na Gisenyi 6%."

Ashingiye kuri iyi mibare, yagize ati: "Kereka niba ndi umuswa, ariko nta hantu nigeze mbona abaturage bagenda bagabanyuka, abaturage bose barabyara bakiyongera, niba hari Perefegitura zari zifite Abatutsi 30% byageze mu 1994, ari 3% nkuko Ndagijimana abyemeza?"

# Ibiciro byazamutseho 6,5% muri Werurwe

**NYIRANEZA Judith**

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, NISR, cyatangaje ko ibiciro by'ibicuruzwa bitandukanye ku masoko yo mu Rwanda byazamutseho 6,5% muri Werurwe 2025, bivuye kuri 6,3% byariho muri Gashyantare.***

Ibi bikubiye muri Raporo nshya y'ibiciro ku masoko iki kigo cyashyize hanze, ku wa Kane tariki ya 11 Mata 2025.

Iyi Raporo yagaragaje ko mu kwezi gushize kwa Werurwe ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 6,4% ku mwaka mu gihe ubaze ku kwezi ho byazamutseho 2,4%.

NISR igaragaza kandi ko ibiciro by'inzu zo guturamo, amazi, umuriro, gaze n'ibindi bikomoka kuri peteroli byazamutse ku kigero cya 2,6% ubaze ku mwaka mu gihe ku kwezi ho byazamutse ku kigero cya 0,2%.

Ibiciro by'ingendo byiyongereyeho 12% ku mwaka mu gihe ku kwezi ho byiyongereyeho 1,3%. Ibiciro bya za resitora n'amahoteli byiyongereyeho 14,1% ku mwaka ariko ku kwezi byiyongera kuri 2,3%.

**Ibiciro mu mijyi**

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,5% ugereranyije na Werurwe 2024, mu gihe ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2025 byari byiyongereyeho 6,3%.

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,1%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Werurwe 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,8%. Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,3%.

Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,4%.

**Ibiciro mu byaro Mu kwezi kwa Werurwe 2025,**

Ibiciro mu byaro byiyongereyeho 3,9% ugereranyije na Werurwe 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2025 byari byiyongereyeho 2,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Werurwe 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,3% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 6,5%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byiyongereyeho 2,2%.

Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,2%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi kwa Werurwe 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,9% ugereranyije na Werurwe 2024, naho mu kwezi kwa Gashyantare 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 3,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Werurwe 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 11,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 10,8%.

Ugereranyije Werurwe 2025 na Gashyantare 2025, ibiciro byiyongereyeho 1,9%; izamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3%.



**NISR yatangaje ko ibiciro by'ibicuruzwa bitandukanye ku masoko yo mu Rwanda byazamutseho 6,5% muri Werurwe**



**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Domitilla Mukantaganzwa yasabye abakomiseri barahiye gukorera hamwe, kujya inama no kudatatira igihango n'indahiro yabo**

# Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yakiriye indahiro z'abakomiseri umunani ba NEC

**SHEMA Ivan**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Domitilla Mukantaganzwa, yakiriye indahiro z'abakomiseri umunani ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC)***.

Ni umuhango wabaye ku wa Gatanu tariki ya 11 Mata 2025, ubera ku cyicaro gikuru cy'Urukiko rw'Ikirenga ku Kacyiru mu Karere ka Gasabo.

Abarahiye barimo Perezida wa Komisiyo, Oda Gasinzigwa, Visi Perezida Kizito Habimana n'abandi bakomiseri barimo Fortunee Nyiramadirida, Mutimukeye Nicole, Umwari Carine, Semanywa Faustin, Francoise Uwera Kabanda ndetse na Judith Mbabazi.

Domitilla Mukantaganzwa yasabye abakomiseri barahiye gukorera hamwe, kujya inama no kudatatira igihango n'indahiro yabo.

Yagize ati" Inshingano mumaze kurahirira, mujye muhora mwibuka ko muzazibazwa n'Igihugu ndetse n'Abanyarwanda. Ntimuzatatire igihango."

Mukantaganzwa yabibukije ko ishingano zibategereje harimo gutegura amatora ari mu mucyo no mu bwisanzure himakazwa umuco wa demokarasi no gutoza Abanyarwanda Uburere mboneragihugu ku matora.

Abarahiriye bashyizweho n'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 26 Werurwe 2025, iyobowe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame.





# Kwibuka 31: Dr. Bizimana yavuze ku bugome bw'uwari Burugumesitiri wa Komini Murambi

**HITIMANA Servand**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Bizimana Jean Damascene, yagarutse ku bugome bwaranze Gatete Jean Baptiste wari Burugumesitiri wa Komini Murambi, wayoboye ubwicanyi bw'indengakamere bwakorewe Abatutsi muri Segiteri Rwankuba mu mwaka wa 1991.***




**Minisitiri wa MINUBUMWE Dr Bizimana Jean Damascene yagarutse ku bugome bwaranze Gatete Jean Baptiste wayoboraga Komini Murambi**

Mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kiziguro mu yahoze ari Komini Murambi, Minisitiri Dr. Bizimana yagarutse ku bugome bw'uewo muyobozi wicuishije Abatutsi guhera mu mwaka wa 1991.

Urwibutso rwa Kiziguro ni kimwe mu bihanya bidashidikanywaho ku bukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari Komini Murambi, kuko rushyinguwemo imibiri y'Abatutsi 20.162, biyongeyeho indi mibiri 21 bashyinguwemo uyu munsi.

Bizimana yahamije ko Burugumesitiri Gatete yabeshyeye Abatutsi ko basuzugura ishyaka rya MRND ryayoboraga Igihugu ashingiye ku ngengabitekerezo y'urwango yamusabitse, yimakajwe n'ubutegetsi bw'u Rwanda kuva mu 1959.

Icyo gihe Politiki yavugaga ko Igihugu ari icy'Abahutu, bityo Abatutsi ari abanyamahanga, kandi ko Abahutu n'Abatutsi badashobora kubana.

Akomeza agira ati: "Aha muri Murambi, Abatutsi b'i Rwankuba barishwe guhera mu 1991. Abavuga ko ryari igerageza rya Jenoside si byo kuko Jenoside ni ubwicanyi bushingiye ku kurimbura abafite icyo bahuriyeho ari byo byakorwaga icyo gihe, aho abafatwaga bakanicwa hashingirwaga kukuba ari abatutsi. Jenoside rero yabaye karundura muri 94 ariko aha inaha n'ahandi mu gihugu yari yaratangiye."

Kuri iyi taliki ya 11 Mata mu 1994 ni bwo abari bahungiye muri Kiriziya ya Kiziguro bagabweho ibitero byayobowe na Burugumesiriri Gatete abasirikare n'Interahamwe hicwa Abatutsi benshi bajya kujugunwa mu rwobo rurerure rwaje kugirwa Urwibutso rwa Kiziguro.

Minisitiri Dr. Bizimana yasabye ko abantu bemera gukoresha ukuri kuko kuzafasha abarokotse gukira kugafasha abagize uruhare mu kwica abaturanyi babo gukira.

Ati: "Kugirango dukire dukoreshe ukuri. Bifasha ababuze ababo kwiyakira no gukomera. Ababishe n'abo icyabakiza ni uguca bugufi bakavuga ukuri kutagireka ibyabaye, bagasaba imbabazi z'ibyo bakoze. Ukuri kuzatuma ntawuyobya abana turi kubyara. Abarezi mutinyuke mwigishe aya mateka kuko yabayeho nta mpamvu yo kuyahunga. Ukuri tugukomereho kandi tuguharanire."

Umuyobozi wa Ibuka mu Karere ka Gatsibo Sibomana Jean Nepo, yavuze ko abarokokeye i Kiziguro ari abahamya b'uko Inkotanyi zaje kurokora zitaje kubica nkuko bikwirakeizwa n'abagoreka amateka.

Yakomeje agaragaza ko mu rwobo rw'ahubatswe Urwibutso rwa Kiziguri rwajugunywemo abantu barimo n'ababaga bakiri bazima baje kurokorwa n'inkotanyi, muri 11 barokowe kuri ubu hakaba hakiriho batanu.

# Musanze: Dr. Ngirente yasabye Abanyarwanda gusigasira ubumwe bwabo n'umutekano

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Ngirente Edouard, yasabye Abanyarwanda gusigasira ubumwe bwabo n'umutekano ndetse ko nta Jenoside izongera kubaho mu Rwanda kandi ko nta muntu uzongera guhungabanya ubuzima bw'Abanyarwanda.***



**Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yifatanyije n'abanyamusanze kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwibutso rwa Busogo**

Ni ubutumwa yatanze ku wa Kabiri tariki 8 Mata 2025, ubwo yifatanyaga n'abaturage b'Akarere ka Musanze mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Murenge wa Busogo, ku rwibutso rwa Jenoside rwa Busogo.

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente avuga ko Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda yihaye ingamba z'uko nta Jenoside izongera kuba ukundi akaba yizeza Abanyarwanda ko kubaho ari ihame.

Yagize ati: "Ndabasaba gukomeza kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside, ahubwo muharanire ubumwe bw'Abanyarwanda, nta n'umwe uzongera guhungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda, gusa turacyabona aho abarokotse Jenoside bagikomeza guhohoterwa, aho bamwe batemerwa insina, abandi bagatemerwa Inka, abafite uwo mutima bakwiye kuwikuramo, mukomeze gusigasira umutekano w'Igihugu ndetse no mu ngo zacu."

Akomeza asaba urubyiruko gukomeza guhangana n'icyakurura ingengabitekerezo cyose, ariko ngo bizahera ku burere ababyeyi bazatanga ku bana babo.

Nyirahonora Theophila avuga ko batotejwe igihe kirekire, ibintu kuri we avuga ko bari barapfuye bahagaze ngo kuko bari barabaye nk'ibikange, nk'uko yabivuze mu buhamya bwe.

Yagize ati: "Navutse mu 1962 ariko namenye ubwenge data ahora muri kasho ya Komini Mukingo ahora yitaba atanga ibisobanuro kandi azira ubusa, mu 1969 yahise yitaba Imana, mba ntangiye inzira y'agahinda kadashira, twahagurutswaga mu ishuri igihe barimo kwiga amateka imyaka yose igihe u Rwanda rutari rwabohowe, Umututsi mu ishuri yari imfashanyigisho."

Nyirahonora ubundi witwaga Niwemuto Theophila akomeza avuga ko kugira ngo ajye kwiga byatumye afata izina ry'umwana w'umuturanyi bitaga Rutura Pierre Claver, akoze ikizamini cya Leta ni bwo ngo yatsindiye amashuri yisumbuye, akaba avuga ko uburezi bwo mu Rwanda butagendera ku itonesha n'ivangura, ariho ahera avuga ko ubu Umunyarwanda abayeho neza, aho atagisaba urwandiko rw'inzira agiye gusura cyangwa gutemberera mu karere aka n'aka, akavuga ko FPR- Inkotanyi kuba hari Umunyarwanda ugenda yemye kandi afite icyizere cyo kubaho yabigizemo uruhare, ari yo mpamvu ayishimira.

Perezida wa Ibuka ku rwego rw'igihugu Dr. Gakwenzire Philbert we avuga ko gukora Jenoside nta nyungu namba irimo, ariko kuri we ngo yishimira ko Abanyarwanda bafashe icyemezo cyo kuba umwe.

Yagize ati: "Kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni umwanya mwiza wo guha agaciro abayizize, abarokotse na bo Leta yakomeje kubitaho mu bikorwa binyuranye ngo bagire ubuzima bwiza ndetse n'iterambere n'abana babona amashuri, icyo twishimira ni uko abakoze Jenoside bashyikirijwe ubutabera ndasaba ko abatarafatwa bidegembya haba mu Rwanda n'ahandi bashyikirizwa ubutabera, abarokotse mukwiye gukomeza kurangwa n'umuco wo gukunda igihugu."

Urwibutso rwa Busogo rushyinguyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi bagera kuri 460, bavukaga mu cyahoze ari Komini Mukingo, abenshi bakaba bariciwe kuri Paruwasi Busogo aho bari bahungiye bizeye umutekano kimwe n'abandi bagiye bicirwa mu ngo zabo.




Mpambara Jean Paul ahamya ko Inkotanyi zababereye ubuzima

# Kabgayi: Mpambara yagaragaje ko Inkotanyi ari ubuzima

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Mpambara Jean Paul umwe mu barokokeye i Kabgayi avuga ko mu nzira itoroshye Abatutsi bari bahungiye i Kabgayi banyuzemo, Inkotanyi zikaba zarababereye ubuzima.***

Ibi akaba yabitangarije mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabereye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kabgayi.

Mpambara ubusanzwe ukomoka mu Karere ka Nyanza ubu utuye mu Karere ka Muhanga, akanarokokera i Kabgayi avuga ko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Inkotanyi zababereye ubuzima.

Ati: "Inzira yose y'umusaraba nanyuzemo kuva i Nyanza kugera i Kabgayi yari mbi cyane ndetse i Kabgayi twaryamaga mu bisogororo no mu biziba ari nako interahanwe ziza kutwica, icyakora Inkotanyi zitubera ubuzima ari nayo mpamvu n'uyu munsi tukiriho n'izo dukesha kuba duhagaze."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline we avuga ko Abanyarwanda bakwiye gufatanyiriza hamwe mu kurandura burundu ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Turacyafite abantu bayoborwa n'ingengabitekerezo ya Jenoside, rero Abanyarwanda dukwiye guhuriza hamwe imbaraga tukarwanya abo bose bayifite usanga bagoreka amateka bakayavuga uko atari bagamije gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Depite Barthelemy Karinijabo avuga ko ubumwe bw'Abanyarwanda ari zo mbaraga zabo kandi butuma bagera kuri byinshi.

Ati: "Icyo navuga ni uko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda kubera ubuyobozi bwiza burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame rwabaye Igihugu cyiza kizira amacakubiri kandi ubumwe bw'Abanyarwanda bukaba ari bwo butuma igihugu kirushahoo gutera imbere."

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kabgayi kuri ubu ruruhukiyemo abazize Jenoside yakorewe Abatutsi igera ku 12 208.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhanga bukomeza gusaba abafite amakuru y'ahari imibiri y'inzirakarengane itarashyingurwa kuyatanga kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

# Ni byiza ko amako yakuweho buri wese akiyumvamo Ubunyarwanda- Ran

**KWIZERA Jean de Dieu**


***Ran Langmantel wo mu Gihugu cya Isiraheli umaze hafi ibyumweru bibiri mu Rwanda, avuga ko bimwe mu byo yishimira mu Rwanda harimo na Gahunda ya Ndi Umunyarwanda, yafashije Abanyagihugu kuba umwe bitandukanye n'ibyahozeho by'amoko yashyirwaga mu ndangamuntu.***

Ran Langmantel usanzwe ari umwarimu w'amateka mu mashuri yisumbuye muri Isiraheli, yavuze ko ivangura rishingiye ku bwoko ari indwara mbi ariko yamaze kuba amateka mu Rwanda kandi akaba ari intambwe ikomeye yatewe yo kwishimira.

Agaragaza uruhare rwa Leta y'u Rwanda mu gukuraho amoko Ran Langmantel, yagize ati: "Maze iminsi mbisoma mu bitabo no mu binyamakuru bya hano mu Rwanda ko Leta y'u Rwanda na Perezida Paul Kagame bavuga ko nta moko akiriho mu Rwanda. Ni byiza ko Paul Kagame yakuyeho amako buri wese akiyumvamo Ubunyarwanda nta Mututsi, Umutwa cyangwa Umuhutu hano mu Rwanda kandi ndabasaba kubikomeza kuko n'aho nasuye hose narabibonye."

Yakomeje agira ati: "Ubwo nasuraga u Rwanda mu cyumweru gishize, ntabwo nigeze mbona abantu na bamwe baganira ku moko cyangwa ngo umuntu akubaze ubwoko bwawe. Naje gusanga rero icyo ari igihamya cy'uko mu Rwanda nta bwoko bukihaba ahubwo bose ari Abanyarwanda."

Ran yavuze ko kandi yaje mu Rwanda kwifatanya n'Abanyarwanda muri ibi bihe u Rwanda rwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kugira ngo abonereho no kwiga amateka.



Umwisiraheli Ran Langmantel yavuze ko gukura amoko mu ndangamuntu byagize uruhare ku kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda

Yagize ati: "Ndi Umuyahudi wo muri Israel kandi murabizi ko Abayahudi bahuye n'ibihe by'icuraburindi bikomeye byiswe 'Holcaust' aho abarenga 6 000 000 bakorewe Jenoside n'Abanazi bari bayobowe na Adolph Hilter mu ntambara y'Isi ya Kabiri. Rero nka njye kuza hano, nk'umuntu ufite ababyeyi barokotse iyo 'Holcaust' byari ingenzi cyane gusura u Rwanda ndetse nkifatanya n'abandi kuri iyi tariki ya 07 Mata 2025, uyu munsi."

Yakomeje agira ati: "Nagombaga kuza kwifatanya n'Abanyarwanda, nkasura Urwibutso rwa Jenoside."

Yagaragaje ko kandi nk'umuntu usanzwe wigisha amateka ari ingenzi cyane ko yiga ibyo azakomeza kwigisha abanyeshuri be n'abandi bose ahibereye bitabaye ngombwa ko akomeza kubisoma mu bitabo.

Ati: "Ndi umwarimu mu mashuri yisumbuye (High School Teacher) mu Gihugu cyanjye. Nigisha ibyerekeye amateka arimo na 'Israel Holcaust' ndetse nkigisha no kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Rero ni ingenzi cyane kumenya amateka kuko amateka iyo tuyamenya ni yo atuma dufata umwanzuro w'ahazaza n'uko twifuza kubaho."

Yakomeje agira ati: "Si byiza kwita ku moko, aho usengera, uwo uri we n'ibindi kuko icy'ingenzi ni ubumwe kandi iyo hari ubumwe Igihugu gitera imbera. Icyo nabwira abantu ni uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye kandi ko idakwiriye kongera kubaho ukundi."

Yagaragaje ko kugeza ubu mu Gihugu cyabo cya Isiraheli, na bo bateye intambwe yo kurwanya ubwoko aho abaturutse mu bihugu bitandukanye bose aba ari Abisiraheli nta bwoko bubayeho.





# Rusizi: Guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside imwe mu ntego za Meya Sindayiheba

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Akarere ka Rusizi kamaze igihe kagaragaramo ingengabitekerezo ya Jenoside, Umuyobozi mushya wako Sindayiheba Phanuel yagaragaje ko guhangana nayo biri mu bimuraje ishinga.***

Mu kiganiro kirambuye uyu muyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba yagiranye na Imvaho Nshya yavuze ko guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside imaze iminsi ivugwa muri ako Karere ari kimwe mu byo agiye kwibandaho, ku bufatanye n'abaturage n'inzego zose, abanyarusizi bakubakira ku bumwe bwabo na gahunda ya Ndi Umunyarwanda, ibibasubiza inyuma bakabyima amatwi.

Ni mu gihe Akarere ka Rusizi gakomeje kugaragaramo ingengabitekerezo ya Jenoside mu buryo bunyuranye, aho hagaragaye abandikirwa impapuro zidasinye ko bazicwa, umwaka ushize hakaba haranishwe umusaza mu Murenge wa Nyakarenzo wagaragayemo izo mpapuro cyane, abatererwa amabuye ku nzu n'ibindi nk'uko uhagarariye Ibuka mu Karere ka Rusizi, Utamuriza Vestine yabigarutseho ku wa 7 Mata 2025 mu gutangiza icyunamo.



Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi Sindayiheba Phanuel yavuze ko guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside biri mu bimuraje ishinga

Ati: "Hari abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakomeje guhohoterwa, barimo abarandurirwa imyaka, abatemerwa insina, abicwa mu buryo budasobanutse, gutotezwa, kwandikirwa impapuro zidasinye ko bazicwa,abicwa, ababwirwa amagambo mabi, n'ubundi buryo bwose bw'ihohoterwa.

Yarakomeje ati: "Bikagaragaza ko ingengabitekerezo ya Jenoside itarangiye, ahubwo yafashe indi sura nk'uko duhora tubivuga, ikomeje kugaragara mu babyeyi, mu mashuri yisumbuye ndetse n'abanza kuko hari aho biherutse kuba, no mu miryango, kikaba ari ikibazo gikomeye cyane."

Umuti w'icyo kibazo, nk'uko Sindayiheba Phanuel yabitangarije Imvaho Nshya yavuze ko uri mu kwigisha abaturage bakumva neza ubumwe bw'Abanyarwanda nk'inkingi igihugu cyubakiyeho, kuko nta terambere rishoboka mu rwego urwo ari rwo rwose budahari bwuzuye.

Ati: "Icyo ni cyo twese tugomba guharanira. Ni na cyo nzakomeza gukangurira bagenzi banjye dukorana n'abanyarusizi muri rusange kuko ntacyo twageraho tutunze ubumwe, tunakigezeho nticyaramba. Kubigeraho ni uko twese tujyanamo."

Yavuze ko bisaba mbere na mbere kwigira ku mateka y'Igihugu kuko nta cyiza na kimwe Abanyarwanda bakuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yasabye abaturage bose b'ako Karere kujyanamo, bagaharanira ikibateza imbere mu bumwe bwabo, bakirinda, bakanima amatwi uwashaka wese kubagarura mu icuraburindi bavuyemo, bakarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu buryo bwose bushoboka, bagaharanira kuzamurana mu iterambere n'imibereho myiza.

**Sindayiheba Phanuel ni muntu ki?**

Sindayiheba Phanuel ni umugabo w'imyaka 48, ufite umugore n'abana 3, avuka mu Kagari ka Kamashangi, mu Murenge wa Giheke, Akarere ka Rusizi, ari ho yigiye amashuri abanza, akomereza ayisumbuye mu rwunge rw'amashuri rwa Gihundwe yiga, mu nderabarezi rusange (Normal primaire), mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nyuma yayo, yayakomereje mu ishuri ryisumbuye rya Nyange mu Karere ka Ngororero kuri ubu, ari mu wa 6 w'inderaberezi rusange, ishuri ryabo ryatewe n'abacengezi ku wa 18 Werurwe 1997 bakabasaba kwitandukanya, bakabyanga, bakavuga ko bose ari Abanyarwanda, abacengezi babarasamo.

Aha yabwiye Imvaho Nshya ati' Hari saa mbiri z'ijoro turi gusubira mu masomo,baratwinjirana, bamara akanya batwinginga,banatwigisha kwitandukanya hakurikijwe icyiswe amoko, turabananira tubabwira ko twese turi Abanyarwanda."

Yarakomeje ati"Bahise batumishamo amasasu na za gerenade,mu ishuri ryacu bicamo 3,abagera kuri 14, ndimo turakomereka, bajya no mu wa 5 na ho bicamo 3 bakomeretsa abagera kuri 15, ingabo zacu zibatesheranya batageze ku mugambi wabo wo kudutsemba. Namaze amezi 9 nivuza, arangiye,nkize njya kurangiriza amashuri mu rwuge rw'amashuri rwa Shyogwe mu 1998."

Akomeza avuga ko ayarangije yagarutse iwabo mu murenge wa Giheke, yigisha umwaka umwe mu mashuri abanza mu ishuri ribanza rya Munyove, urangiye ajya muri kaminuza y'u Rwanda yiga Ubumenyi bwIsi mu gashami k'imicungire y'ubutaka n'ibidukikije, ahakura A0 mu 2005.

Kuva icyo gihe kugera atorerwa kuyobora akarere ka Rusizi, yakoraga mu Muryango w'ivugabutumwa ( AEE), aho yari umuhuzabikorwa w'imishinga uwo muryango ushyira mu bikorwa mu Turere dutandukanye tw'Igihugu.

Mu mirimo yindi yakoze, Sindayiheba Phanuel, yayoboye ishyirahamwe ry'intwari z'imena z'i Nyange (Association Komeza ubutwari) imyaka 10, akaba ubu yari n'umuyobozi w'inama nkuru y'itorero ADEPR ku rwego rw'Igihugu.

Iyo mirimo yayifatanyaga no kongera ubumenyi, afite icyiciro cya 3 cya kaminuza mu gucunga imishinga.

Ku byerekeranye n'icyo agiye gukora cyatuma yavugwaho kuba umuyobozi uzarangiza manda y'uwo asimbuye agakomerezaho n'iye ikarangira, ibintu bitaraba na rimwe muri aka Karere, avuga ko kuyobora Rusizi bitagoye nk'uko abantu babitekereza, ko byose bisaba imikoranire myiza n'abo ayobora n'abo bakorana, akaba ngo nta bwoba afite nk'uko bamwe babimubwira cyangwa babitekereza.

Asaba abaturage kumushyigikira muri gahunda ya 'Tujyanemo' bagaharanira kwiteza imbere kuko ahereye aho igihugu cyanyuze n'aho kigeze ubu kubera ubuyobozi bwiza gifite, nta kidashoboka igihe abaturage bose bashyize hamwe, bakima amatwi ibibasubiza inyuma.

Ku wa 28 Werurwe 2025, ni bwo Sindayiheba Phanuel yabaye Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi.

# Kwibuka 31: Dr. Bizimana yavuze ku bugome bw'uwari Burugumesitiri wa Komini Murambi

**HITIMANA Servand**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Bizimana Jean Damascene, yagarutse ku bugome bwaranze Gatete Jean Baptiste wari Burugumesitiri wa Komini Murambi, wayoboye ubwicanyi bw'indengakamere bwakorewe Abatutsi muri Segiteri Rwankuba mu mwaka wa 1991.***

Mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kiziguro mu yahoze ari Komini Murambi, Minisitiri Dr. Bizimana yagarutse ku bugome bw'uewo muyobozi wicuishije Abatutsi guhera mu mwaka wa 1991.

Urwibutso rwa Kiziguro ni kimwe mu bihanya bidashidikanywaho ku bukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari Komini Murambi, kuko rushyinguwemo imibiri y'Abatutsi 20.162, biyongeyeho indi mibiri 21 bashyinguwemo uyu munsi.

Bizimana yahamije ko Burugumesitiri Gatete yabeshyeye Abatutsi ko basuzugura ishyaka rya MRND ryayoboraga Igihugu ashingiye ku ngengabitekerezo y'urwango yamusabitse, yimakajwe n'ubutegetsi bw'u Rwanda kuva mu 1959.

Icyo gihe Politiki yavugaga ko Igihugu ari icy'Abahutu, bityo Abatutsi ari abanyamahanga, kandi ko Abahutu n'Abatutsi badashobora kubana.

Akomeza agira ati: "Aha muri Murambi, Abatutsi b'i Rwankuba barishwe guhera mu 1991. Abavuga ko ryari igerageza rya Jenoside si byo kuko Jenoside ni ubwicanyi bushingiye ku kurimbura abafite icyo bahuriyeho ari byo byakorwaga icyo gihe, aho abafatwaga bakanicwa hashingirwaga kukuba ari abatutsi. Jenoside rero yabaye



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Bizimana Jean Damascene,

karundura muri 94 ariko aha inaha n'ahandi mu gihugu yari yaratangiye."

Kuri iyi taliki ya 11 Mata mu 1994 ni bwo abari bahungiye muri Kiriziya ya Kiziguro bagabweho ibitero byayobowe na Burugumesiriri Gatete abasirikare n'Interahamwe hicwa Abatutsi benshi bajya kujugunwa mu rwobo rurerure rwaje kugirwa Urwibutso rwa Kiziguro.

Minisitiri Dr. Bizimana yasabye ko abantu bemera gukoresha ukuri kuko kuzafasha abarokotse gukira kugafasha abagize uruhare mu kwica abaturanyi babo gukira.

Ati: "Kugirango dukire dukoreshe ukuri. Bifasha ababuze ababo kwiyakira no gukomera. Ababishe n'abo icyabakiza ni uguca bugufi bakavuga ukuri kutagireka ibyabaye, bagasaba imbabazi z'ibyo bakoze. Ukuri kuzatuma ntawuyobya abana turi kubyara. Abarezi mutinyuke mwigishe aya mateka kuko yabayeho nta mpamvu yo kuyahunga. Ukuri tugukomereho kandi tuguharanire."

Umuyobozi wa Ibuka mu Karere ka Gatsibo Sibomana Jean Nepo, yavuze ko abarokokeye i Kiziguro ari abahamya b'uko Inkotanyi zaje kurokora zitaje kubica nkuko bikwirakeizwa n'abagoreka amateka.

Yakomeje agaragaza ko mu rwobo rw'ahubatswe Urwibutso rwa Kiziguri rwajugunywemo abantu barimo n'ababaga bakiri bazima baje kurokorwa n'inkotanyi, muri 11 barokowe kuri ubu hakaba hakiriho batanu.

# Musanze: Abarokotse Jenoside bashimira FPR-Inkotanyi yabakuye mu maboko y'abicanyi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bo mu Karere ka Musanze, bavuga ko bashimira ingabo za FPR- Inkotanyi zabakuye mu maboko y'abicanyi, ubwo bari babibasiye bagambiriye kubica bakabamaraho.***

Abarokotse Jenoside bo muri Musanze cyane cyane abo mu Murenge wa Kinigi, bavuga ko batangiye kwicwa mu 1990, bamwe bitwa ibyitso, abandi bavuga ko bacumbikiye Inyenzi -Inkotanyi, bityo ngo bakaba barakomeje kwicwa umugenda kugeza ubwo bigiriye ku mugaragaro mu 1994.

Byagarutsweho ubwo hatangizwaga icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, igikorwa cyabereye mu Murenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze.

Umwe mu barokotse Jenoside witwa Nzamukosha Oliva, avuga ko iyo hataba FPR- Inkotanyi n'ubwo umuryango we wose bawumaze na we aba atakivuga cyangwa se ngo arebe u Rwanda rwa nyuma y'ivangura ry'amoko n'uturere byagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Mu buzima bwacu twabayeho tubwirizwa gupfa buri munsi, kuko twakorerwaga ihohoterwa n'ivangura, twahoranaga ubwoba kuko ntitwasibaga guhagurutswa mu



Abanyamusanze bahamya ko batabawe n'Inkotanyi

mashuri, bamwe bageze n'ubwo kwiga babizibukira, twicwaga buhorob buhoro, tukamburwa ibyacu, kugeza ubwo umuturanyi wawe abonye umushyitsi akamujyana mu kabari izo anyoye (inzoga) ukazishyura, kuva aho FPR- Inkotanyi ifatiye umugambi wo kubohora u Rwanda bwo batangiye kutwica ku mugaragaro mu 1991."

Kabaraza Speciose yagize ati: "FPR- Inkotanyi buriya iyo itagoboka u Rwanda ruba rwarazimye burundu, njye sinatinya kuvuga ko nta n'ikitwa Umututsi kiba kikiri ku Isi ahari, ikitwa umututsi namenye ubwenge muri Repubulika ya kabiri, afite ibibazo, aho yanyuraga hose banoshanaga inzara, twishimira rero ko FPR Inkotanyi yazanye ubwisanzure igakuraho ikitwa amoko."

KOMEZA KU RUP.19





# Musanze: Abarokotse Jenoside bashimira FPR-Inkotanyi yabakuye mu maboko y'abicanyi

IBIKURIKIRA URUP.18

Yongeyeho ati: "Tukishimira nanone ko Kinigi yabaye irembo ryo kubohora u Rwanda kuko Inkotanyi zaturutse mu birunga ziraturokora zitwerekeza mu gace zari zarafashe mbere, kuba turiho tugihumeka n'ubwo hari abamugajwe n'abicanyi ni FPR."

Kuba abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bariho neza kandi bakaba baravuye mu rwobo n'icuraburindi by'abicanyi bishimangirwa na Twizerimana Rusisiro Festus Perezida wa Ibuka mu Karere ka Musanze.

Yagize ati: "Hano bakomeje kwica ikitwa Umututsi kugeza ubwo bifuza kugeza ku ndunduro umugambi bari bateguye, bitwaza indege y'uwahoze ari umukuru w'igihugu cy'u Rwanda Habyarimana ngo yaguye, gusa icyo twishimira ni uko FPR Inkotanyi yari igizwe n'urubyiruko rwahawe uburere butarimo ivangura bwahagaritse Jenoside tukaba turimo duhumeka, turiho ku bwayo (FPR Inkotanyi) kandi Umukuru w' Igihugu Paul Kagame we adushishikariza kubaho, turiho rero kandi dufite icyizere."

Mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kinigi kugeza ubu haruhukiyemo imibiri y'abazize Jenoside igera ku 166, bari batuye mu cyahoze ari Komini Kinigi ndetse n'abandi bageragezaga guhungira mu birunga kugira ngo bagere mu cyahoze ari Zaire ari yo ubu Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo bashakayo ubuhungiro.

# Rubavu: Rubyiruko mukoreshe imbuga nkoranyambaga nk'intwaro irwanya abapfobya Jenoside- Minisitiri Marizamunda

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, agaragaza ko urubyiruko rukwiriye gukoresha neza imbuga nkoranyambaga nk'intwaro zirwanya abapfobya bakanahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Hari mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 biciwe mu Murenge wa Nyundo cyitabiriye n'urubyiruko rwari rwiganje cyane, abagore n'abagabo, bose basabwe gukomeza guharanira ubumwe n'Ubudaheranwa bamagana politiki mbi yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yatwaye ubuzima bw'abarenga miliyoni mu minsi 100.

Yibanze ku rubyiruko cyane, agaragaza ko ari rwo rufite intwaro y'ibibera ku mbuga nkoranyambaga aho bamwe bapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 basigaye biganje cyane.

Ati: "Ku bijyanye n'ingengabitekerezo bagarutseho, ingengabitekerezo yateguwe kera abakoloni bakigera mu Gihugu cyacu, bafite gahunda bashakaga kugeraho barayubaka, barayigisha bayihereza Abayobozi basimburanye muri Leta ya nyuma y'Ubwigenge, yaba Repubulika ya Mbere n'iya Kabiri kugeza ku ndunduro ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994".

Yakomeje agira ati: "Abashoboye guhungana iyo ngengabitekerezo yubatswe mu myaka ingana gutyo, ntabwo ari ikintu wabyuka mu mwaka umwe uvuge ngo birarangiye. Bizasaba imbaraga, bizasaba ubufatanye bizasaba gukomeza gushaka uburyo bwo kuyirwanya, cyane cyane ko ubu isigaye itizwa umurindi n'ikoranabuhanga."

Minisitiri w'Ingabo avuga ko mu gihe bamwe mu rubyiruko bari ku mipaka y'u Rwanda, ruhanganye n'abashaka kwinjira mu Gihugu barwana, ururi mu Rwanda narwo rwari rukwiriye gukoresha imbuga nkoranyambaga nk'intwaro ihangana n'abo banyuraho.

Ati: "Urubyiruko rwacu rwahawe amahirwe rugashyiririrwaho ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga. Mu gihe urubyiruko rumwe ruri ku nkiko z'Igihugu ruhanganye na ba bandi bayifite bashaka kongera kugaruka kwinjira mu Gihugu ngo barangize igikorwa basize batangiye, ndakeka ko natwe urubyiruko ruri imbere hano mu Gihugu, ubwo bushobozi Igihugu cyabahaye, mukwiriye kubukoresha muhangana na bariya bajya ku ikoranabuhanga bakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside, mukabarwanya, na mwe ukaba umusanzu wanyu mu kunganira ba bandi bafite bya bikoresho bindi bituma itabasha kwambuka umupaka ngo ize hano."

Yakomeje agira ati: "Ibyo kandi nzi ko mubishoboye kandi mubishyizemo ubushake gusa, ntabwo





Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, yifatanyije n'abatuye mu Murenge wa Nyundo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

abantu bari i Burayi cyangwa bari muri Amerika, cyangwa bari muri Canada cyangwa bari muri Australia babarusha gukwirakwiza ibitekerezo byiza murwanya ingengabitekerezo ya Jenoside."

Etienne Mutabazi w'imyaka 26 y'amavuko usanzwe ari umunyeshuri muri Kaminuza ya ULK Ishami rya Gisenyi gusa usanzwe atuye mu Karere ka Nyabihu mu Murenge wa Bigogwe akaba umwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga yagaragaje ko kuri we yize kandi ko akwiriye gukoresha imbuga nkoranyambaga ahakanya abandika bashaka gupfobya amateka, ahamagarira n'urundi rubyiruko kugira atyo.

Ati: "Hari abagenda bagaragara hirya no hino bahakana kandi bagapfobya Jenoside, rero ni inshingano za buri wese cyane cyane urubyiruko kuko twese dukoresha imbuga nkoranyambaga, abo bandika bashaka gupfobya twebwe ubwacu ibihamya ni byinshi, amateka arahari dukwiriye gukora tubasubiza, tugaragaza ibyabaye birahari nta kintu na kimwe gihimbwa."

Yakomeje agira ati: "Twasuye Urwibutso, hari imibiri iruhukiye muri uru rwibutso rwa Jenoside rwa Nyundo, ku bwabyo n'ubuhamya bugenda butangwa bigaragaza ukuri."

Uwamahoro Florence na we witabiriye uyu muhango wo kwibuka Abatutsi mu 1994 biciwe mu Murenge wa Nyundo no mu nkengero zayo yagize nk'urubyiruko rusanzwe rukoresha imbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Abenshi bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside barimo gukoresha imbuga nkoranyambaga cyane kandi ikindi barimo gukoresha urubyiruko cyane nkatwe rero nk'urubyiruko abenshi dukoresha izo mbuga nkoranyambaga. Ikintu cya mbere dukora ni ukubasubiza, ntabwo tubasubiza tubatuka ahubwo tubasubiza ibyiza by'Igihugu cyacu, amateka yaranze Igihugu cyacu, tubereka ukuri kw'ibihari."

Mu Rwibutso rwa Nyundo kandi hashyinguwe umubiri umwe wa Nzaramba Cyprien wishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, muri urwo Rwibutso hakaba hasanzwe hashyinguwe imibiri 1 025 n'indi 9 041 izimurirwa mu Rwibutso rwa Bigogwe rumaze gutunganywa.

# Rusizi: Abagize abo barokora muri Jenoside ni abo gushimirwa- IBUKA

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku rwego rw'Akarere ka Rusizi byatangirijwe mu Murenge wa Kamembe, ahunamiwe Abatutsi 1009 baruhukiye mu rwibutso rwa Jenoside rwa Kamembe, hashimiwe uwitanze wese ngo agire uwo arokora.***

Uhagarariye Ibuka mu Karere ka Rusizi Utamuriza Vestine yashimiye buri wese witanze ngo agire uwo arokora.

Yagize ati: "Ndashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame n'ingabo zari iza FPR Inkotanyi yari arangaje imbere bahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi, ituze rikagaruka mu gihugu tugasubirana ubuzima."

Yanaboneyeho gushimira buri wese wagize uruhare mu kugira Umututsi arokora.

Ati: "Turanashimira abantu bose bagize uruhare mu kurokora Abatutsi bicwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."



**Uhagarariye IBUKA mu Karere ka Rusizi, Utamuriza Vestine ashimira buri wese wagize Umutursi arokora muri Jenoside**

Mu kiganiro ku mibanire y'Abanyarwanda mbere y'ubukoloni, mu bukoloni na nyuma yabwo, cyatanzwe na Maitre Habimana Casimir, yavuze ko mbere y'umwaduko w'abo bakoloni n'ubu batarava ku izima mu gushaka guhungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ati: "Ubumwe bwabo ni yo yari indangagaciro yabo ya mbere kuko bumvaga bose ari bene Gihanga, bakaniyumvamo ko bose bahuje umuyobozi umwe, icyo gihe yari umwami."

Mu buhamya bwe, Ntibaziyaremye François, wabaye muri iyo sitade yagarutse ku bugome bakorewe n'uwari perefe w'iyari perefegitura ya Cyangugu, Emmanuel Bagambiki.

wagizwe umwere n'urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwa Arusha, wabakuye mu rwunge rw'amashuri rwa Gihundwe aho bari bihishe, akabazana aha kuri sitade ngo bazicirwe hamwe n'abandi bari bayihungiyemo.

Ati: "Yatugejeje muri iyi sitade tuhasanga abandi bari bayirimo, tubaho mu buzima bubi cyane, tuhicirwa n'inzara n'inyota, bakaza bakarobamo bamwe babica, kugeza ubwo tubonye tugiye gushira tukayivamo ku ngufu tuzi ko duhungiye mu yari Zaire, tugasanga twatezwe tukagaruka baturasa umugenda.

Tukongera kwinjira muri iyi sitade twakuwemo tujyanwa i Nyarushishi, aho Bagambiki na Lieutenant Samuel Imanishimwe, bari bafite umugambi wo kudutsemberayo ukabapfubana."

Yashimiye Ingabo zari iza FPR Inkotanyi zari zirangajwe imbere na Perezida Paul Kagame zabarokoye, zikirukana izo nterahamwe n'abasirikare b'abagome baburaga kurinda abaturage ahubwo bakabica, n'aho bagereye mu yari Zaire bagashaka kugaruka kurangiza abo batamazeho.

Ariko Perezida Kagame wari wabarokoye mbere akababakiza akanagarura Abanyarwanda bari bafashwe bugwate n'abo bagome, bakaba bafatanyije n'abandi kubaka u Rwanda.

Yagarutse ku ngaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi zirimo bamwe mu bayirokotse batagira aho baba, ababa mu nzu zishaje cyane, ihungabana rikomeye rikigaragara, ibikomere n'indwara zidakira, imiryango itarashyingura mu cyubahiro n'ingengabitekerezo ya Jenoside icyaritse muri bamwe badashaka guhinduka.

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel, na we agaruka ku gushimira ingabo zari iza FPR- Inkotanyi n'intore izirusha intambwe Paul Kagame wari uzirangaje imbere, zigahagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi, Igihugu kikaba gitekanye.

Yagize ati: "Tuzirikane ko intambwe nini u Rwanda rumaze gutera ishingiye ku mahoro, ubumwe n'ubwiyunge byaremwe n'abahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi, tukaba tugomba kubikomeraho."

Yijeje umutekano usesuye abarokotse, guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside no gukomeza guharanira imibereho myiza y'abarokotse nk'uko Ibuka yabisabye.

# Ruhango: Kwibuka abishwe muri Jenoside ni ukubaha agaciro bambuwe

**UWIZEYIMANA Aimable**

*Ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kabagali ruherereye mu Murenge wa Kabagali mu Karere ka Ruhango, umuryango uharanira inyungu z'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi IBUKA wibukije ko kwibuka abishwe muri Jenoside ari ukubaha agaciro bambuwe.*

Umuyobozi wa IBUKA mu Karere ka Ruhango Nyandwi Bernard, yabigarutseho *ubwo bari mu gikorwa cyo gutangiza icyumweru cy'icyunamo n'iminsi ijana yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994,* avuga ko kwibuka abazize Jenoside ari ukubasubiza agaciro bambuwe kandi ko bituma Abanyarwanda bigira ku mateka yabo.



**Ku rwibutso rwa Kabagari mu Karere ka Ruhango hibutswe Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagamijwe kubasubiza agaciro bambuwe**

Ati: "Iyo twaje kwibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tuba turi kubasubiza agaciro bambuwe n'ababishe, ndetse tukavomamo ingamba zo kwirinda ikibi tugaharanira gukora icyiza."

Mukayiranga Jeannette umwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Ruhango avuga ko ashimira Inkotanyi zamutabaye mu gihe cya Jenoside.

Ati: "Ndashimira Inkotanyi kuko ni zo zadutabaye zidukura mu nzira y'umusaraba twarimo na cyane ko iyo zitaba zo ntabwo mba nkiriho."

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango Habarurema Valens, avuga ko ntawukwiye kwijandika mu ngengabitekerezo ya Jenoside kuko aba ashyigikiye abagereka ku Rwanda ibibera muri Repubulika iharanira Demukarasi ya Congo.

Ati: "Kwishora mu ngengabitekerezo ya Jenoside si byiza Abanyarwanda dukwiriye kubyirinda, kuko ababijyamo bari inyuma y'abagereka ku Rwanda ibibazo by'igihugu cya Repubulika iharanira Demukarasi ya Congo. Rero twirinde ibyo bikorwa bibi ahubwo duharanire iterambere ryacu nk'Abanyarwanda."

Urwibutso rwa Kabagali ruherereye hafi y'Ibiro by'Umurenge wa Kabagali, uyu munsi rwatangirijweho icyumweru cy'icyunamo n'iminsi ijana yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rushyinguyemo imibiri y'inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi isaga 6 600.





## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYANZA
UMURENGE WA NYASOZI

ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa NYAGISOZI, mu Karere ka NYANZA buramenyesha ba rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga isoko rikurikira:

| N° y'isoko | Inyito y'isoko | Amafranga yo kugura igitabo k'ipiganwa |
|---|---|---|
| 2/NYGZ/04/2025 | Isoko ryo KUGEMURA IBIKORESHO BYO KUBAKA RETAINING WALL KUMASHURI YA GS RURANGAZI, EP KABUGA, GS KIRAMBI NA GS MUSASA mu UMURENGE WA NYAGISOZI AKARERE KA NYANZA | 10,000Frw |

Abifuza gupiganira iri soko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa Mu biro by' Umurenge wa NYAGISOZI guhera tariki ya 10/4/2025,
Nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi y'U Rwanda (10,000 FRW) yo kugura igitabo cy'ipiganwa adasubizwa, yishyurwa kuri konti **No 0636205-15(bk) ya RRA** cyangwa konti no **46338061241047 (bpr)**.
Amabahasha afunze neza arimo ibiciro n'ibindi byangombwa bigaragara mu gitabo cy'amabwiriza y'ipiganwa bigomba kugezwa ku biro by'umurenge wa NYAGISOZI bitarenze tariki ya **15/4/2025** i saa tanu zuzuye za mugitondo **(11h00).**
Gufungura amabahasha mu ruhame ni kuri iyo tariki, i saa tanu n'igice za mugitondo **(11h30)** mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa NYAGISOZI ,abapiganwa basabwa kuba bahari cyangwa bahagarariwe.

**Bikorewe i Nyagisozi , ku wa 9/4/2025**
**HABINSHUTI Syldio**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa NYAGISOZI

2

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro

UMURENGE WA KICUKIRO

ITANGAZO RY'AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kicukiro bunejejwe no kumenyesha ba Rwiyemezamirimo, Amakoperative yujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira Isoko rikurikira

| NO | Izina ry' isoko | Nimero y'isoko | Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa (Frw) | Itariki n'isaha ntarengwa yo kurangiza kwakira inyandiko z'ipiganwa | Itariki n'isaha yo gufungura inyandiko z'ipiganwa |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ISOKO RYO KWIYAKIRA NO KWAKIRA ABASHYITSI | KIC.SECT/T08/2024-2025 | 10,000 | 23/04/2025 10:00 AM | 23/04/2025 10:30AM |

Inyandiko z'amabwiriza y'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kicukiro mu minsi n'amasaha yose y'akazi guhera tariki ya **14/04/2025** nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi **10,000 Frw** adasubizwa yishyurwa ubanje gukora imenyekanisha ku kigo gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro (RRA)/KICUKIRO SECTOR.
Kwakira inyandiko z'abapiganwa bizarangira kandi zifungurwe ku matariki n'amasaha yagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kicukiro.

Bikorewe Kicukiro, kuwa 09/04/2025

**MUKANDAHIRO Hydayat**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kicukiro**

website:www.kicukiro.gov.rw Email: kicukirosector@kicukiro.gov.rw Telephone:0788860603

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINEDUC
EAV NTENDEZI
P.O BOX 23 CYANGUGU
Tél : 0788852898
E-mail :eavntendezi@yahoo.com

**ITANGAZO RY'ISOKO RYO KUGEMURA INKWI N'IBIRIBWA BY'ABANYESHURI BIZAKORESHWA MU GIHEMBWE CYA GATATU, UMWAKA W'AMASHURI WA 2024-2025.**

Ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri rya **EAV NTENDEZI**, burahamagarira ba rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko hari isoko ryo kugemura inkwi n'ibiribwa by'abanyeshuri bizakoreshwa mu gihembwe cya gatatu, umwaka w'amashuri wa 2024-2025.
Ibigemurwa biri mu bice binyuranye bikurikira:

1. **Umuceri, amavuta, isukari, umunyu, ifu ya soya, salsa, amajyani**
2. **Ibigori n'ibishyimbo**
3. **Imyumbati mibisi**
4. **Ibijumba, ibitunguru, isambaza, inyama, inyanya, imbuto**
5. **Inkwi**

Amabwiriza y'ipiganwa araboneka mu biro by'umunyamabanga w'ikigo cya EAV Ntendezi mu masaha y'akazi guhera tariki ya 17/03/2025 kugera kuwa 09/04/2025 kandi ahabwa umuntu utanze bordereau iriho amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5,000rwf) adasubizwa yishyuwe kuri konti **№ 100000418026** ifunguye muri Banki ya Kigali **(BK)** impamvu "***gupiganira isoko***"

Impapuro z'ipiganwa zanditse kandi zifunze neza mu mabahasha, yanditseho inyuma "**Gupiganira isoko ryo kugemura ibintu bitandukanye, igihembwe cya gatatu, umwaka w'amashuri wa 2024-2025 / EAV Ntendezi**"; zizahagera zinafungurwe mu ruhame tariki ya **10 Mata 2025 saa tanu za mugitondo.**

Bikorewe i Nyamasheke, kuwa 17/03/2024

**NDASHIMYE Léonce**
**Umuyobozi w'ikigo cya EAV Ntendezi**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINEDUC
SOUTHERN PROVINCE, NYAMAGABE DISTRICT, KADUHA SECTOR
**GROUPE SCOLAIRE SAINT JEAN BOSCO KADUHA**
**(G.S.KADUHA)**
B.P 14 GIKONGORO
E-mail: gssjboscokaduha@yahoo.fr
Tel.: +250789405275
**Bank Account number: MWALIMU SACCO Konti: 91784 yitwa KADUHA GS**

**ITANGAZO RY'AMASOKO APIGANIRWA MURI GS KADUHA**

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire KADUHA bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko buramenyesha ba rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko hari amasoko anyuranye apiganirwa yo kugemura ibiribwa byo gutunga abanyeshuri n'ibikoresho binyuranye bizakoreshwa mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'amashuri wa 2024-2025 muri Groupe Scolaire Kaduha.

Dore urutonde rw'amasoko apiganirwa:

**Isoko rya mbere (Lot 1) rigizwe n'ibiribwa bikurikira: ibishyimbo n'amasaka y'igikoma**
**Isoko rya kabiri (Lot 2) rigizwe n'ibiribwa bikurikira: umuceri, kawunga, amavuta y'ubuto, isukari, umunyu n'amajyane.**
**Isoko rya gatatu (Lot3) rigizwe n'imyumbati.**
**Isoko rya kane (Lot 4) rigizwe n'ibikoresho binyuranye bizakenerwa mu buzima bw'ishuri**

Abifuza gupiganira isoko bahisemo, bahabwa igitabo gikubiyemo amabwiriza arambuye ajyanye naryo kiboneka mu bunyamabanga bw'Ishuri ku minsi no ku masaha y'akazi guhera taliki ya 22/04/2025, bamaze kwerekana Bordereau bishyuriyeho amafaranga ibihumbi bitanu (5,000 Frw) adasubizwa kuri buri soko, yishyurwa kuri konti y'Ishuri ikurikira: **Konti: 91784 yitwa KADUHA GS** iri mu **MWALIMU SACCO, 482334199410145** yitwa **GS KADUHA** iri muri **BPR Bank, 4029200088723** yitwa **GROUPE SCOLAIRE S.J.BOSCO KADUHA, iri muri EQUITY Bank**

Amabahasha akubiyemo ibisabwa byose afunze neza kandi yanditseho inyuma isoko ripiganirwa agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze taliki ya 05/05/2025 Saa yine n'igice (10h30'); afungurwe mu ruhame kuri uwo munsi saa tatu zuzuye (11h00') mu cyumba cy'Ishuri.

Bikorewe i Kaduha ku wa 09/04/2025

Padiri Festus MUTAGANDA
Umuyobozi wa Groupe Scolaire Kaduha

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

AKARERE KA KICUKIRO
UMURENGE WA KANOMBE

Réf. 6894/07.01.03.Kan/2025

Kanombe, 04/04/2025

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Umurenge wa Kanombe uratumira ba Rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira :

| N° | Izina ry'isoko | Numero y'isoko | Umunsi n'isaha ; yo gutangira kugura ibitabo | Umunsi n'isaha yo kurangiza kwakira ibitabo | Umunsi n'isaha yo gufungura ibitabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Isoko ryo gutanga Beverages ,food,and reception halls ( Hotel) | N°:10/S/2024-2025/KAN-SECTOR | 10/04/2025 saa 09:30AM | 10/05/2025 Bitarenze 10: 00 AM | 10/05/2025 10 : 30AM |
| 2 | Isoko ryo gutanga Beverages ,food,and reception halls ( Resto -Bar) | N°:05/S/2024-2025/KAN-SECTOR | 10/04/2025 saa 09:30AM | 10/05/2025 Bitarenze 10: 30 AM | 10/05/2025 11 : 00AM |

Inyandiko z'amabwiriza agenga ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kanombe mu minsi yose y'akazi guhera kuwa 10/04/2025 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga ibihumbi icumi ( **10,000frw)** adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority (RRA) , kwakira no gufungura inyandiko z'ipiganwa biteganyijwe ku matariki n'amasaha byagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru; Inyandiko zizakirirwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge wa Kanombe, naho kuzifungura bizabera mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Kanombe byose ku matariki n'amasaha byagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru

Bikorewe i Kanombe kuwa 04/04/2025

NKURUNZIZA Idrissa
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanombe

www.kicukiro.gov.rw Email: kanombe@kicukiro.gov.rw 0788300181

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa MUGENI Uwase mwene Mudeyi Ezechiel na Muziranenge Nelly, utuye mu Mudugudu wa Uburanga, Akagari ka Mbugangari, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburengerazuba wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo MUGENI Uwase, akitwa MUGENI UWASE ELYSE mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Niyo mazina nakoresheje mu ishuli kuva ngitangira kwiga.

Byemejwe na
Dr. MUGENZI Patrice
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2024-12-26

Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko
CYANGWA
Ugenzure ku irembo ukoresheje nomero ya dosiye
B241210172910VLP8

ICYITONDERWA: Kugirango hatabaho uburiganya, shakisha nomero y'inyandiko ku rubuga Irembo urebe neza niba iyo nyandiko ari nyayo mbere yo kuyikoresha.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**GSO BUTARE (INDATWA N'INKESHA)**

**P.O Box 223 BUTARE**
**E-mail: gsobutare1929@gmail.com**
**Website: www.gsobindatwa.com**

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya GSO Butare riherereye mu ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Huye, buramenyesha abantu bose babyifuza ko bushaka gutanga isoko ryo kudoda uniforme z'abanyeshuri mu mwaka w'amashuri 2025/2026. Ipiganwa rireba ba Rwiyemezamirimo bujuje ibyangombwa bisabwa mu ipiganwa ry'amasoko ya Leta kandi bafite uburambe muri ako kazi. Igitabo gikubiyemo iryo soko ku buryo burambuye, kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri rya GSO Butare mu masaha y'akazi guhera tariki ya **8/4/2025**, herekanywe icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** kuri konti ya **RRA unyuze mu Irembo**. Amabahasha afunze neza arimo dosiye y'umwimerere na kopi yayo isaba gupiganira iryo soko, agomba kuba yageze mu bunyamabaga bw'iryo shuri bitarenze tariki ya **8/5/2025** saa munani n'igice (14h30).

Bikorewe i Huye ku wa 4/4/2025

**Umuyobozi wa G.S.O Butare (Indatwa n'Inkesha)**
**Padiri HAKIZIMANA Charles**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RY'ISOKO N°02/ESS/2024/2N025**

**Ubuyobozi bw'Ishuri Ryisumbuye rya Sumba (E S SUMBA) ku bufatanye n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha barwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko ryifuza gutanga isoko ry'ibiribwa *Abifuza* gupiganira iri soko barasabwa kuba bujuje ibi bikurikira:**

1. **Kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa, ingano y'ibikenewe ndetse n'ibyangombwa bisabwa kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri mu minsi y'akazi guhera kuwa kane tariki ya 10/04/2025. Inyemezabwishyu y'amafaranga yo kugura igitabo cy'ipiganwa adasubizwa ibihumbi icumi y'u Rwanda (10,000Frw) ashyirwa kuri imwe muri konti zikurikira: 100000435467 BK / 481138318210179 BPR yitwa ECOLE SECONDAIRE DE SUMBA.**
2. **Abifuza gupiganira iri soko barasabwa kuba bagejeje inyandiko z'ipiganwa zanditse n'imashini kandi zifunze neza mu mabahasha abiri (umwimerere na fotokopi yayo) mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze kuwa 10/05/2025 saa tatu zuzuye za mu gitondo (9h00).**
3. **Gufungura amabahasha bizaba ku mugaragaro uwo munsi taliki ya 10/05/2025 saa yine zuzuye za mu gitondo (10h00) mu cyumba cy'inama cy'ishuri rya E.S SUMBA. Inyandiko z'ipiganwa zikererewe ntizakirwa.**

**Ushaka ibindi bisobanuro kuri iri soko yahamagara kuri Tel: 0788440176 y'umuyobozi w'ikigo cyangwa 0783329376 ya Perezida w'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri E S SUMBA cyangwa 0783040430 umucungamutungo w'ishuri**

**Bikorewe i Sumba, kuwa 08/04/2025**

**NZARAMBA Alphonse**

**Umuyobozi wa E S SUMBA**





# Umusizi Murekatete yakabije inzozi zo gukora igisigo 'Mukiriho'

**Muteterazina Shifah**

***Umusizi Murekatete afata igisigo 'Mukiriho' gikubiyemo ubutumwa buhumuriza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi nk'inzozi yakabije kuko yifuza gutanga umusanzu we amenyekanisha, akanabungabunga amateka y'u Rwanda abinyujije mu buhanzi bwe.***

Ni igisigo aherutse gushyira ahagaragara tariki 6 Mata 2024, agamije gukomeza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakaburana n'ababo burundu, kikabafasha no kubibuka.

Uyu musizi avuga ko icyo gisigo yari akimaranye igihe kingana n'umwaka kuko yagitangiye mu 2024, ariko akabura ibyangombwa birimo impapuro yagombaga guhabwa n'umuryango wamusangije ubuhamya bwawo, zigaragaza ko bamwemereye kubutangaza kuko yifuzaga gukora igihangano kibumbatiye ubuhamya bwafasha n'abandi babuze ababo.

Ati: "Nifuzaga ko kiba igisigo gikubiyemo kandi kibungabunga ubuzima n'amateka Abanyarwanda banyuzemo, ngira amahirwe negera umuryango uhagarariwe na Kayitesi Jedance nanamushimira ko amazina, amakuru, amateka hamwe n'amafoto ari hamwe na hamwe mu mashusho y'igisigo ari ubuhamya nahawe n'uwo muryango."

Yongeyeho ati: "Narabegereye turaganira ngira umugisha wo guhabwa amazina, amakuru n'amateka y'abe bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'abayirokotse. Ndabashimira cyane kuko byamfashije gukora igisigo gisigasira amateka."

Murekatete avuga ko atari ubwa mbere yari akoze igisigo gikubiyemo amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi gishingiye



**Murekatete avuga ko gukora igisigo Mukiriho ari ugukabya inzozi kuko yifuzaga gutanga umusanzu.**

ku buhamya bw'abantu runaka, kuko yari asanzwe abikora akabiha ba nyirabyo (Ababaga bamusangije ubuhamya) ariko ntibamwerere kubishyira ahagaragara.

Ati: "Mbere y'uko nkora 'Mukiriho' mfite ibindi bisigo byinshi bitandukanye nagiye nkora by'imiryango itandukanye byakoreshwaga bibuka abantu babo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, ariko iyo miryango ntinkundire ko ibyo bisigo bishobora kujya hanze kugira ngo bibe ibihangano bishobora no gufasha abandi."

Akomeza agira ati: "Mukiriho ni nk'inzozi nakabije kuko nifuzaga gukora igihangano mfiteho uburenganzira nemerewe gusangiza Abanyarwanda kubera ko nari maze igihe nkora ibihangano bifasha abantu kwibuka ariko abansangije amakuru ntibifuze ko bijya hanze, iyo nyota nari nyifite kuko numvaga nifuza gutanga umusanzu wanjye nk'umusizi."

Murekatete avuga ko umunsi yumvise igisigo 'Mukiriho' kuri radiyo, yumvise anyuzwe kubera ko yifuzaga ko gifasha buri wese wabuze uwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko uwo musanzu no mu gihe azaba atakiriho uzafasha abarokotse kwibuka ababo.

Mukiriho ni igisigo gishingiye ku nkuru y'umuntu uba yaratandukanye n'abantu be mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi akabasezeraho yizeye ko bazongera kubonana, ariko Jenoside yahagarikwa agasanga barapfuye ndetse bamwe ntabashe no kumenya aho baguye.

Ni igisigo cyashyizwe ahagaragara ku itariki 6 Mata 2025, gikorwa na Murekatete afatanyije na Derrick Don Divin.

# Minisitiri Dr Utumatwishima yagaragaje Nyanza ya Kicukiro nk'ikimenyetso cyo gutsindwa kw'Ababiligi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah, yifatanyije n'urubyiruko rurenga 8 600 rwitabiriye igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyateguwe n'Umuryango Our Past Initiative, agaragaraza Nyanza ya Kicukiro nk'ikimenyetso simusiga cyo gutsindwa kw'Ababiligi.***

Yabigarutseho mu ijoro ry'itariki 9 Mata 2025, mu gikorwa gisanzwe gihurizwamo urubyiruko rukigishwa amateka y'u Rwanda, cyabereye ku rwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro.

Minisitiri Dr. Utumatwishima, yakomeje abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, ashimangira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi bigizwemo uruhare n'imbaraga z'urubyiruko.

Yagize ati: "Nta magambo twabona yasobanura intimba n'agahinda abahekuye u Rwanda bateye Abanyarwanda, by'umwihariko aha i Nyanza tuhazi nk'ikimenyetso ntakuka cyo gutsindwa, aho Ababiligi basize Abatutsi hano, bari bahungiye mu cyahoze ari ETO Kicukiro, Abatutsi barenga 10 000 bakicwa, amahanga abatereranye, arebera, ingabo zabo zigendeye."

Yashimiye Umuryango Our Past Initiative, yizeza ko urubyiruko ruzashyira hamwe imbaraga rukarwanya abapfobya Jenoside.

Yagize ati: "Ndashimira abategura Our Past Initiative mu myaka 14 bamaze bakora ibikorwa byiza byigisha amateka, tuzakomeze guhagarara kigabo, turwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, turwanya n'abashaka gupfobya amateka yacu."

Agaruka kuri Malaika wakinnye umukino ugaragaza amateka y'u Rwanda, yavuze ko ari umwe mu bahanzi batanga umusanzu wabo, asaba abandi gutera ikirenge mu cye bagakomeza kwigisha urubyiruko rw'u Rwanda.

Our Past Event ni igikorwa kinyuzwamo ubutumwa butandukanye binyuze mu buhanzi, imivugo, ikinamico, indirimbo, ubuhamya n'ibiganiro bitandukanye bigaruka ku mateka ya Jenoside yahitanye inzirakarengane z'Abatutsi zirenga miliyoni mu minsi 100.




**Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah**

Ni igikorwa cyatangijwe mu 2012, aho urubyiruko ruturutse mu bice bitandukanye by'Igihugu ruhurizwa hamwe muri gahunda igamije kubigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, itegurwa n'Umuryango "Our Past Initiative" watangijwe na Intwari Christian.

Uretse kuba urubyiruko rusaga 8 600 rwitabiriye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsimu 1994 cyateguwe na Our Past Initiative, rwaganirijwe ku mateka Abahanzi batandukanye barimo Kenny K-Shot baririmbye, Malaika na bagenzi be bakinnye umukino ukubiyemo amateka, Gashora Girls Academy na bo bakina umukino ukomeye ku mateka y'u Rwanda.

Iki gikorwa, cyabimburiye ibindi birimo ikizabera muri Quatar ku ya 13 Mata 2025, mu Butaliyani tariki 1 Gicurasi, bakazanifatanya n'Abanyarwanda batuye mu Buholandi mu gikorwa cyo kwibuka kizaba tariki 11 Gicurasi, hamwe no mu Bufaransa.

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-8 TARIKI 08-14 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Amatariki y'irushanwa ryo Kwibuka31 abazize Jenoside muri Basketball yashyizwe hanze

**SHEMA Ivan**

***Ishyirahamwe ry'Umukino wa Basketball mu Rwanda (FERWABA) ryatangaje ko irushanwa ryo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko abishwe bazira uko bavutse bakinaga uwo mukino riteganyijwe kuzaba hagati y'itariki 23-27 Mata 2025.***

Umukino wa Basketball ni umwe mu ikunzwe cyane mu Rwanda kandi ufite amateka akomeye.

Abenshi batangiye kuwumenya cyane mu myaka ya 1980, ariko Jenoside yakorewe Abatutsi yawusubije inyuma kuko yatwaye benshi mu banyamuryango bayo.

FERWABA ni rimwe mu mashyirahamwe ya siporo yashegeshwe bikomeye na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu bakinnyi, abatoza, abafana n'abayobozi hose watakaje imbaraga zikomeye mu gihe cy'iminsi 100 gusa.

Mu Bagabo rizakinwa n'amakipe 4 ya mbere yitwaye neza mu mikino ibanza ya shampiyona uyu mwaka ayo ni APR BBC, Patriots BBC, REG BBC na Tigers BBC.

Ni nako bimeze mu bagore aho rızitabirwa n'amakipe 4 ya mbere yitwaye neza mu mikino ibanza ya shampiyona uyu mwaka ayo ni APR W BBC, GS Marie Reine Rwaza, REG W BBC na Kepler W BBC.

Irushanwa nkiri ryo kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 muri Basketball ryaherukaga muri 2024, mu bagabo ryegukanywe na APR BBC yatsinze Patriots BBC amanota 80-63.

Mu bagore ryegukanywe na APR W BBC itsinda REG W BBC amanota 86-81.

Kugeza ubu urutonde rwose rw'abakinnyi, abayobozi n'abakunzi b'umukino wa Basketball bazize Jenoside ntabwo ruramenyekana neza, gusa Ishyirahamwe ry'Umukino wa Basketball mu Rwanda 'FERWABA' rikaba ryaragerageje kubona amazina ya bamwe.

Ikipe ya Espoir BBC ni imwe mu zagizweho ingaruka cyane kuko yabuze abakinnyi bagera kuri 18 harimo Ntarugera Emmanuel, Rugamba Gustave wari umubitsi w'ikipe, Rutagengwa Mayina Aimable, Rubingisa Emmanuel, Kabeho Auguste, Munyaneza Olivier, Nyirinkwaya Damien, Mutijima Théogène, Twagiramungu Félix, n'abandi.

Si iyi kipe gusa kuko na Minisiteri y'Umurimo yari ifite ikipe ya MINITRAPE BBC yagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ikabura abakinnyi barimo Florence bitaga Kadubiri na Esperance.

Andi makipe yasenyutse bikagorana kongera kwiyubaka harimo Inkuba BBC, Okapi BBC, Terror BBC na MINIJUST BBC.



**FERWABA yatangaje amatariki y'irushanwa ryo Kwibuka31 abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakinaga Basketball**



**Abakinnyi n'abakozi b'Ikipe ya APR BBC, basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi**

# *Kigali: APR BBC yunamiye abazize Jenoside yakorewe Abatutsi*

**SHEMA Ivan**

***Abakinnyi n'abakozi b'Ikipe ya APR BBC, basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahitanye ubuzima bw'abarenga miliyoni mu minsi 100.***

Iki gikorwa cyabaye ku wa Gatandatu tariki ya 12 Mata 2025.

Basobanuriwe uko Jenoside yateguwe igashyirwa mu bikorwa ndetse n'uko yahagaritswe na FPR-Inkotanyi n'ingabo za RPA zari ziyishamikiyeho.

Mukama Victor wahagarariye bagenzi be, yagaragaje ko yize byinshi ku nshuro ye ya mbere yari asuye Urwibutso rwa Jenoside.

Yagize ati: "Ni inshuro ya mbere nsuye urwibutso, amateka y'ababyeyi bacu arababaje. Ntekereza ko ari byiza kuri twe kumenya amateka y'Igihugu cyacu kandi twize byinshi."

Wari umwanya mwiza kandi ku bakinnyi b'iyi kipe ibarizwamo abanyamahanga batandukanye ndetse n'Abanyarwanda bavukiye hanze bagize amahirwe yo kurushaho gusobanukirwa amateka y'u Rwanda.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali rushyinguwemo imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside basaga ibihumbi 259.000, bakuwe mu bice binyuranye by'Umujyi wa Kigali no mu nkengero zawo.